Rwanda Governance Board

# RAPORO Y'IBIKORWA Y'UMWAKA 2020-2021

# GAHUNDA Y'IBIKORWA Y'UMWAKA WA 2021-2022

URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

www.rgb.rw @GovernanceRw info@rgb.rw

P.O Box 6819, Kigali

NZERI, 2021

Rwanda Governance Board

# RAPORO Y'IBIKORWA Y'UMWAKA
2020-2021

# GAHUNDA Y'IBIKORWA Y'UMWAKA
2021-2022

URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

www.rgb.rw @GovernanceRw info@rgb.rw

# IJAMBO RY'IBANZE

Mu izina ry'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) no mu izina ryanjye bwite nejejwe no kubagezaho Raporo y'ibikorwa y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 na Gahunda y'ibikorwa y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2021-2022. Nk'uko biteganywa n'Itegeko, RGB igomba gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko ishinga amategeko imitwe yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe. Ni muri urwo rwego RGB itanze iyi raporo ku nshuro ya gatanu.

Iyi raporo igaragaza uko Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwashyize mu bikorwa ibyari biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021, ikanerekana ibibazo bikeneye kwitabwaho mu nzego zitandukanye nk'uko byagaragajwe n'ubushakashatsi n'igenzura bya RGB. Iyi raporo kandi igaragaza ibikorwa by'ingenzi RGB iteganya gukora mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021-2022.

Mu mwaka wa 2020-2021, RGB yabayemo amavugurura mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yatumye amashami yayo agabanuka ava kuri atanu asigara ari ane. Hahujwe Ishami ry'Ubushakashatsi n'iryo kwita kuri Gahunda z'umwimerere nyarwanda mu kwishakamo ibisubizo bitanga Ishami ry'Ubushakashatsi no kwita kuri Gahunda z'umwimerere nyarwanda mu kwishakamo ibisubizo (Research & HGS Department). RGB kandi yanahawe inshingano zo kubaka ubushobozi bw'abanyamakuru zahoze mu cyari Inama Nkuru y'Itangazamakuru (Media High Council). Nubwo habayeho izo mpinduka ndetse n'imbogamizi zatewe n'Icyorezo cya COVID-19, ibikorwa byari biteganyijwe byashyizwe mu bikorwa ku gipimo cya 97,8% naho ingengo y'imari yakoreshejwe ku kigero cya 90,82%.

Ibikorwa by'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021-2022 bizibanda ku bushakashatsi n'igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi, ku iterambere ry'itangazamakuru, kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, kwandika no gukurikirana imitwe ya politiki imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere . Ibyo bizatanga amakuru yifashishwa n'inzego zitandukanye mu igenamigambi na politiki. Ayo makuru azanafasha RGB mu bukakungurambaga n'ibiganiro bigamije gukomeza guteza imbere serivisi nziza, imiyoborere myiza, urwego rw'Itangazamakuru, n'Imiryango itari iya Leta n'Imiryango Ishingiye ku myemerere. Ibi bizajyana no kubakira ubushobozi urwego rw'itangazamakuru, Imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere ndetse n'Imitwe ya Politiki. RGB izakomeza kubaka ubufatanye n'imikoranire n'inzego zitandukanye hagamijwe guteza imbere amahame y'imiyoborere no kunoza imitangire ya serivisi mu nzego zose.

Ndashima umuntu wese wagize uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo RGB yari yateganyije mu mwaka dusoje. Ibikorwa RGB yagezeho ibikesha umurava, ubufatanye n'ubwitange byaranze abakozi bayo na Guverinoma y' u Rwanda yayigeneye ingengo y'imari binyuze muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi. Ndashima kandi uruhare abafatanyabikorwa batandukanye bagize mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda n'imishinga. Dukomeze ubu bufatanye, turusheho no kubuteza imbere kugira ngo ibikorwa biteganyijwe bizatange umusaruro wifuzwa mu guhindura ubuzima bw'abaturage.

**Dr. KAITESI Usta**
**Umukuru w'Urwego**

## IBIRIMO

Ijambo ry'ibanze ........ V
Urutonde rw'amashusho ........ VIII
Urutonde rw'amakarita ........ IX
Urutonde rw'imbonerahamwe ........ IX
Ibisobanuro by'amagambo mpine ........ XII
Incamake ........ 1

INTANGIRIRO ........ 5

## IGICE CYA 1: IBYAKOZWE MU MWAKA WA 20120 – 2021

1.1. Ubushakashatsi ku miyoborere........ 8
1.1.1. Igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS) ........ 8
1.1.2. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC)........ 13
1.1.3. Ubushakashatsi kuri Gahunda mbonezamikurire z'abana bato (ECD Scorecard, 1st Edition)........ 17
1.1.4. Ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda........ 18
1.1.5. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda ........ 18
1.2. Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ........ 19
1.3. Imitangire ya serivisi........ 19
1.3.1. Igenzura ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka ........ 19
1.3.2. Ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera"........ 19
1.3.3. Icyegeranyo cya serivisi zitangwa n'inzego za Leta hifashishijwe ikoranabuhanga........ 20
1.3.4. Gushyiraho ibipimo fatizo byifashishwa mu kugenzura imitangire ya serivisi (quality service delivery standards)........ 20
1.3.5. Igenzura ry'imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano........ 21
1.3.5.1.Igenzura ku miyoborere mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano........ 21
1.3.5.2 Igenzura ry'imitangire ya serivisi mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano........ 22
1.4. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza no guhuza ibikorwa bya JADF ........ 25
1.4.1. Ibiganiro binyujijwe muri Gahunda y'Imiyoborere Twifuza........ 25
1.4.2. Ibiganiro n'urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye na Kaminuza........ 25
1.4.3. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho mu nzego z'ibanze (Peer Review and Peer Learning)........ 25
1.4.4. Guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF)........ 32
1.5. Imitwe ya Politike, Imiryango itari iya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere........ 33
1.5.1. Kwandika no gukurikirana Imiryango nyarwanda itari iya Leta........ 33
1.5.2. Kwandika no gukurikirana Imiryango ishingiye ku myemerere........ 34
1.5.3. Gukurikirana imikorere y'Imitwe ya politiki........ 34
1.5.4. Imiryango yagaragayemo ibibazo n'ibyemezo yafatiwe........ 35
1.5.5. Kubaka ubushobozi bw'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere........ 37
1.6. Urwego rw'itangazamakuru ........ 40
1.6.1. Uko urwego rw'Itangazamakuru ruhagaze........ 40
1.6.2. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru........ 41

1.6.3. Kwimakaza ubunyamwuga mu rwego rw'itangazamakuru....41
1.6.4. Ubushakashatsi ku bipimo by'itangazamamakuru (Rwanda Media Barometer Barometer 2021 )....42
1.6.5. Kongera ubushobozi bw'abanyamakuru....43
1.6.6. Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru....44
1.6.7. Kwizihiza umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru....44
1.7. Ibiganiro n'ubuvugizi ku miyoborere (Policy advocacy and strategic engagements)....45
1.7.1. Ibiganiro bitandukanye n'abafatanyabikorwa mu iterambere....45
1.7.2. Gutangaza igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda (Rwanda Governance Scorecard)....46
1.7.3. Ibiganiro n'imitwe ya Politiki....47
1.7.4. Ibiganiro n'imiryango itari iya Leta....47
1.7.5. Ibiganiro ku iterambere n'imikorere y'Itangazamakuru....49
1.7.6. Ibiganiro mu mashuri makuru y'ingabo na polisi....50
1.7.7. Ibiganiro ku mitangire ya serivisi mu nzego za Leta ....51
1.8. Ubuyobozi n'imirimo rusange....52
1.8.1. Gushyira mu bikorwa gahunda yo kongerera Urwego n'abakozi ubushobozi....52
1.8.2. Uburyo bw'ikoranabuhanga mu kwandika imiryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki....52
1.8.3. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa bya RGB....52
1.8.4. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'amasoko....52
1.8.5. Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2020-2021....52
1.8.6. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta....52
1.8.7. Gushyira mu bikorwa ingamba zo kumenyekanisha ibikorwa bya RGB (Communication strategy)....53
1.8.8. Kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose bya RGB no mu bafatanyabikorwa...54
1.8.9. Gutegura raporo y'ibikorwa ya 2020-2021....54

## IGICE CYA 2: IBIKWIYE KWITABWAHO KU BURYO BW'UMWIHARIKO....55

2.1. Ibikwiye kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko....56
2.1.1. Icyiciro cy'ubuhinzi n'ubworozi....56
2.1.2. Icyiciro cy'uburezi....57
2.1.3. Imitangire ya serivisi z'ubutaka....58
2.1.4. Icyiciro cy'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere....58
2.1.5. Mu rwego rw'Itangazamakuru....59
2.1.6. Ibindi bikeneye kwitabwaho nk'uko byagaragajwe na RGS ya 8 ....59

## IGICE CYA 3 : ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO....60

3.1. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inteko ishinga amategeko....61

## IGICE CYA 4: GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2021-2022....62

4.1. Gahunda y'ibikorwa y'umwaka 2021-2022....63
4.1.1. Ubushakashatsi ku miyoborere no guteza imbere gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo....63

4.1.2. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza, Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Utur-

ere (JADF) ....................................................................................................................................................................
....63
4.1.3. Kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta............63
4.1.4. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru..........................................................................................................64
4.1.5. Ubuyobozi n'imirimo rusange no kubaka ubushobozi bw'urwego.............................................................................64
4.1.6. Gukora ibiganiro n'ubuvugizi ku miyoborere mu byiciro bitandukanye .....................................................................64
4.2. Ingengo y'imari ya RGB ya 2021-2022.........................................................................................................................65

**IGICE CYA GATANU:IMIGEREKA** ..........................................................................................................67

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho ya 1: Umubare w'Inkingi, ibipimo n'udupimo........8
Ishusho ya 2: Ikigereranyo cya RGS ya 7 n'iya 8........12
Ishusho ya 3: Ibipimo byazamutse kurusha ibindi (hejuru ya 5%)........12
Ishusho ya 4: Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi kuri Gahunda mbonezamikurire........17
Ishusho ya 5: Amazi ku mashuri ........23
Ishusho ya 6: Ibyavuye mu igenzura ku isuku n'ubuzima ........24
Ishusho ya 7: Imikoreshereze y'ingengo y'imari........53
Ishusho ya 8: Uko abaturage babona zimwe muri serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi........56
Ishusho ya 9: Zimwe mu nzitizi abaturage bagaragaje bahura nazo mu buhinzi n'ubworozi........57
Ishusho ya 10: Uko abaturage babona serivisi zimwe na zimwe z'ubutaka........58

## URUTONDE RW'AMAKARITA

Ikarita ya 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC 2021........15

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe ya 1: Incamake y'ibyavuye mu gipimo cy'Imiyorere mu Rwanda (RGS ya 8)....10
Imbonerahamwe ya 2: Uko ibyicirio bishimwa n'abaturage....13
Imbonerahamwe ya 3: Uko ibyiciro bihagaze ugereranije CRC 2021 na CRC 2020 ....14
Imbonerahamwe ya 4: Uko uturere duhagaze ugereranije CRC 2021 na 2020....16
Imbonerahamwe ya 5: Uko bimwe mu byegeranyo mpuzamahanga bigaragaza u Rwanda....18
Imbonerahamwe ya 6: Ibigo bidafite iby'ibanze byasuzumwe ku bijyanye n'aho gukorera haboneye mu Ntara y'Amajyepfo ....26
Imbonerahamwe ya 7: Imirenge idafite iby'ibanze byasuzumwe ku byerekeye aho gukorera haboneye mu Ntara y'Iburengerazuba....26
Imbonerahamwe ya 8: Ibigo bidafite iby'ibanze byasuzumwe ku bijyanye n'aho gukorera haboneye mu Mujyi wa Kigali ....27
I mbonerahamwe ya 9: Ibigo bidafite iby'ibanze byasuzumwe ku byerekeye aho gukorera haboneye mu Ntara y'Amajyaruguru....27
Imbonerahamwe ya 10: IIbibazo byagaragaye mu mashuri ku byerekeranye n'imitangire ya serivisi mu Ntara y'Amajyepfo ....28
Imbonerahamwe ya 11: Ibibazo byagaragaye mu bigo by'amashuri ku byerekeranye n'imitangire ya serivisi mu Mujyi wa Kigali....28
Imbonerahamwe ya 12: Ibibazo byagaragaye ku byerekeranye n'imicungire y'imari ya Leta mu Mujyi wa Kigali ....29
Imbonerahamwe ya 13: Ibibazo byagaragaye mu bigo ku byerekeye imicungire y'imari mu Ntara y'Amajyepfo....29
Imbonerahamwe ya 14: Ibibazo byagaragaye mu bigo by'amashuri ku byerekeranye imicungire y'imari mu Ntara y'Amajyaruguru ....30
Imbonerahamwe ya 15: Imicungire y'inguzanyo zatanzwe muri Gahunda ya VUP mu Ntara y'amajyepfo....30
Imbonerahamwe ya 16:Uko imirenge yo mu Ntara y'Iburengerazuba yubahirije amabwiriza agenga imitangire y'inkunga y'ingoboka ....31
Imbonerahamwe ya 17: Imicungire y'inguzanyo zagenewe imishinga iciriritse mu Ntara y'iburengerazuba....31
Imbonerahamwe ya 18: Ibibazo bigaragara mu mikorere ya JADF n'ingamba zikwiye gufatwa....32
Imbonerahamwe ya 19: Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mvamahanga....34
Imbonerahamwe ya 20: Imiryango yagaragayemo ibibazo n'ibyemezo yafatiwe....35
Imbonerahamwe ya 21: Inkunga yatanzwe ku miryango itari iya leta mu byiciro bitandukanye ....37
Imbonerahamwe ya 22: Ingero z'umusaruro wavuye mu nkunga yahawe sosiyete sivili....38
Imbonerahamwe ya 23: Ibitangazamakuru bikorerwa mu Rwanda....40
Imbonerahamwe ya 24: Inzego n'imiryango byashyigikiye DJA 2020....42
Imbonerahamwe ya 25: Incamake y'Ibavuye mu bushakashatsi ku bipimo by'itangazamakuru mu Rwanda ....42
Imbonerahamwe ya 26: Abanyamakuru bahuguwe ....43
Imbonerahamwe ya 27: Ibiganiro ku itegeko ryerekeye kubona amakuru....44
Imbonerahamwe ya 28: Ingengo y'imari yagenwe n'iyakoreshejwe ....53
Imbonerahamwe ya 29: Ibyakozwe mu kwimakaza ihame ry'uburinganire ....54
Imbonerahamwe ya 30: Uko imyanzuro y'Inteko ishinga amategeko yashyizwe mu bikorwa....61
Imbonerahamwe ya 31: Ingengo y'imari ya 2021-2022 ya RGB....65

# IBISOBANURO BY'AMAGAMBO MPINE

| | |
|---|---|
| ADEPR: | Itorero rya pantekoti mu Rwanda |
| ARJ: | Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abanyamakuru |
| CoK: | Umujyi wa Kigali |
| CRC: | Ishusho y'uko Abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya Serivisi mu Nzego zibegereye |
| CSO: | Imiryango ya Sosiyete sivile |
| DJA: | Ibihembo bihabwa abanyamakuru n'ibitangazamakuru by'indashyikirwa |
| ECD: | Gahunda mbonezamikurire y'abana bato |
| FBOs: | Imiryango ishingiye ku myemerere |
| HEC: | Inama Nkuru y'Igihugu y'Uburezi |
| HGS: | Uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo |
| ICK: | Kaminuza Gatolika ya Kabgayi |
| INGOs: | Imiryango mvamahanga itari iya Leta |
| INMR: | Ikigo k'Igihugu gishinzwe Ingoro Ndangamurage mu Rwanda |
| JADF: | Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'uturere |
| LODA: | Ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'inzego z'ibanze |
| MIGEPROF: | Minisiteri y' Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango |
| MIFOTRA : | Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo |
| MINAGRI: | Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi |
| MINALOC: | Minisiteri y'Ubutegesti bw'Igihugu |
| MINECOFIN: | Minisiteri y'Imari n'igenamigambi |
| MINEDUC: | Minisiteri y'Uburezi |
| MINICOM: | Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda |
| MINICT: | Minisiteri y'Ikoranabuhanga no guhanga ibishya |
| MINIJUST: | Minisiteri y'Ubutabera |
| MININFRA: | Minisiteri y'Ibikorwaremezo |
| MoE : | Minisiteri y'Ibidukikije |
| MoH: | Minisiteri y'Ubuzima |
| NAEB: | Ikigo gishinzwe guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi |
| NBAs: | Inzego zitagenerwa ingengo y'imari ya Leta n'itegeko |
| NCDA : | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana |
| NCHR: | Komisiyo y'Igihugu y'uburenganzira bwa muntu |
| NCPD: | Inama y'Igihugu y'abafite ubumuga |
| NINGO: | Ihuriro ry'imiryango mpuzamahanga itari iya Leta |
| NNGOs: | Imiryango nyarwanda itari iya Leta |
| NPSC | Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe abakozi ba Leta |
| NST: | Guhunda ya guverinoma igamije kwihutisha iterambere |
| NURC: | Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge |
| PL/PR: | Gahunda yo kwigiranaho no kugenzurana |
| PSF: | Urugaga rw'Abikorera |
| RAB: | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi |
| RALGA: | Ishyirahamwe ry'uturere n'Umujyi wa Kigali |
| RBA: | Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru |

## IBISOBANURO BY'AMAGAMBO MPINE

RCI: Ikigo gishinzwe kubyaza umusaruro uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo.
RDB: Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda
REB: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Uburezi
REG: Ikigo gishinzwe ingufu n'amashanyarazi
REMA: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga ibidukikije
RGB: Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere
RGS: Ubushakashatsi ku gipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda
RISA: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ikoranabuhanga
RLMUA: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka
RMB: Igipimo cy'iterambere ry'itangazamamakuru
RMC: Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura
RRA: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro
RSB: Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge
RSSB: Ikigo cy'igihugu cy'ubwiteganyirize
RURA: Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro
SACCO: Koperative yo kubitsa no kugurizanya
UNDP: Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku iterambere
UNESCO: Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco
WASAC: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya no gukwirakwiza amazi, isuku n'isukura

# INCAMAKE

RAPORO Y'IBIKORWA
Y'UMWAKA
2020-2021

GAHUNDA Y'IBIKORWA
Y'UMWAKA WA
2021-2022

# INCAMAKE

Iyi raporo iragaragaza mu buryo burambuye ibyagezweho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 na gahunda y'ibikorwa biteganyijwe mu mwaka wa 2021-2022.

Ibyakozwe bikubiye mu byiciro bitandatu (6) bikurikira: (1) Ubushakashatsi ku miyoborere na gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, (2) Kugenzura imitangire ya serivisi, guteza imbere imiyoborere myiza n'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere, (3) Kwandika, gukurikirana no kongerera ubushobozi imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta (4) Guteza imbere urwego rw' itangazamakuru, (5) Ibiganiro bishimangira ubufatanye n'imikorere inoze n'ubuvugizi no (6) Kubaka ubushobozi bw'Urwego n'imirimo rusange.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021, RGB yari yateganyije ibikorwa 44. Ibikorwa 43 bihwanye na 97,8% byarakozwe birarangira. Igikorwa kimwe kitarangiye kijyanye no kwandikisha no kurinda uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ku rwego mpuzamahanga. RGB iracyategereje igisubizo ku busabe bw'iyandikisha yatanze mu nzego mpuzamahanga zandika umutungo bwite mu by'ubwenge
RGB yari yagenewe ingengo y'imari ya 3.131.689.790 z'amafaranga y' u Rwanda. Muri ayo, 1.696.636.512 Frw yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta naho 1.435.053.278 Frw yatanzwe n'Abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'Imiyoborere myiza.
Muri rusange iyi ngengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 90,82% aho ingengo y'imari ya Leta yakoreshejwe ku gipimo cya 89,34% naho iy'imishinga ikoreshwa ku gipimo cya 92,56%.

Mu rwego rw'ubushakashatsi, RGB yakoze Igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (Rwanda Governance Scorecard 8th Edition). Ugereranyije RGS ya 7 n'iya 8, Inkingi y'umutekano niyo ikomeje kuza ku isonga ku gipimo cya 95,47%. Inkingi y'ireme ry'imitangire ya serivisi niyo yazamutse kurusha izindi ku kigero cya 3,55%. Inkingi y'Imiyoborere mu bukungu n'ubucuruzi niyo yaje inyuma ku gipimo cya 74,65%.

RGB yanakoze ubushakashatsi ku Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC). Impuzandengo ya CRC 2021 ni 74,1% mu gihe iya CRC 2020 yari 71,3%. Urwego rw'umutekano rwakomeje kuza ku isonga n'amanota 91,6% naho urwego rw'ubuhinzi rwakomeje kuza inyuma y'izindi n'amanota 59,5%. Muri CRC 2021, Icyiciro cyazamutse kurusha ibindi ni uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa cyazamutseho 10,4%.

Mu mwaka wa 2020-2021, RGB yakoze Ubushakashatsi kuri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD Scorecard, 1st Edition). Ubushakashatsi bugaragaraza ko igipimo cya Gahunda Mbonezamikurire y'Abana bato kiri kuri 77,4%. Mu nkingi esheshatu zasuzumwe muri ubu ubushakashatsi iy'Ubuzima niyo yaje ku isonga ku gipimo cya 86,8%, naho Gutegura umwana kwiga hakiri kare niyo yaje inyuma ku gipimo cya 66,1%.

RGB yasesenguye ibyavuye mu byegeranyo mpuzamahanga bitandukanye bigaragaza uko ibihugu bihagaze mu byiciro binyuranye hagamijwe kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando mpuzamahanga aho muri uyu mwaka hasesenguwe ibyegeranyo 10.

Mu byerekeye no kugenzura imitangire ya serivisi, RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka mu nzego za Leta 37, mu bigo by'abikorera bine (4) no mu miryango itari iya Leta itandatu (6). Ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka mu nzego za Leta bigaragaza ko abazihawe bazishima ku gipimo cya 69,39%. Mu rwego rw'abikorera hagenzuwe serivisi ebyiri arizo iy'icyangombwa cyo kubaka n'ihererekanya ry'ubutaka zikaba zishimwa ku gipimo cya 89,42%. Ibyagenzuwe mu miryango itari iya Leta mu rwego rw'ubutaka ni ibirebana n'ubukangurambaga n'ubuvugizi aho bishimwa ku gipimo cya 73,64%.

Ku bufatanye bwa RGB, RISA, MINICT na MIFOTRA

hakozwe icyegeranyo cya serivisi zitangwa n'inzego za Leta 143 hagamijwe gusuzuma uko gutanga serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga bihagaze. Ibarura ryagaragaje ko serivisi zitangwa mu nzego zagenzuwe ari 1787, muri zo harimo 349 bitewe n'imiterere yazo zidashobora gutangwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Muri serivisi zabaruwe, 893 zamaze kugezwa ku ikoranabuhanga, 402 nizo zitangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga kugeza ku ndunduro (fully digitized) naho 491 zitangwa igice hifashishijwe ikoranabuhanga (partially digitized), mu gihe 548 zitari zagezwa ku ikoranabuhanga.

RGB kandi yakoze igenzura ku mitangire ya serivisi mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano mu rwego rwo kureba uko imiyoborere, imitangire ya serivisi ndetse n'ubufatanye bwa ba nyir'amashuri na Leta bihagaze. Bimwe mu byagaragajwe n'iri genzura harimo ko amasezerano y'ubufatanye hagati ya Leta na ba nyiri amashuri atazwi na benshi mu bafatanyabikorwa. Ba nyir'amashuri bagera kuri 31,6% gusa nibo babashije kwerekana inyandiko z'ayo masezerano naho mu turere twakorewemo igenzura, akarere kamwe niko kagaragaje amasezerano mu gihe mu mirenge nta na hamwe bari bafite izo nyandiko. Na bake bafite izo nyandiko, byagaragaye ko ari izasinywe mu mwaka wa 1987, ayo masezerano akaba atakijyanye n'amategeko ariho ubu mu rwego rw'uburezi. Ku bijyanye n'amahugurwa ku burezi budaheza, hagaragaye ko 36,5% by'amashuri yagenzuwe nta mwarimu n'umwe afite wahuguriwe kwita ku bana bafite ubumuga naho amashuri angana na 49,4% niyo yonyine afite ahagenewe imyidagaduro n'imikino; 36.5% ntafite amazi meza yo kunywa.

Igenzura ry'imiyoborere mu mashuri ryagaragaye ko inzego z'ubuyobozi bw'ishuri (Komite ngenzuzi, akanama k'amasoko) zateganyirijwe gutuma haba umucyo mu byemezo ishuri rifata ndetse no mu micungire y'umutungo zidakora uko bikwiye kandi amashuri menshi yanagaragayeho kudakora raporo z'ibikorwa by'umwaka.

Mu rwego rw'imitangire ya serivisi na none, RGB ku bufatanye n'izindi nzego zirimo MIFOTRA, MINALOC, RSB na NPSC, hashyizweho ibipimo fatizo byifashishwa mu kugenzura imitangire ya serivisi mu nzego za Leta, iz'abikorera ndetse n'imiryango itari iya Leta.

Mu rwego rwo guteza imbere amahame y'imiyoborere, mu mwaka wa 2020-2021 hakozwe ibiganiro ku miyoborere mu nzego zitandukanye binyujijwe muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza, guhuza ibikorwa bya JADF ndetse no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho.

Ku birebana na gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho, RGB yakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda inasesengura raporo yahawe n'Intara n'Umujyi wa Kigali. Muri rusange muri uyu mwaka wa 2020-2021 ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho ryagenze neza. Icyakora Intara y'Iburasirazuba ntiyatanze raporo nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho.

Hagamijwe kuzamura uruhare rwa JADF mu iterambere ry'Igihugu, RGB ifatanyije n'abagize Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu Iterambere yateguye inama ziteganywa n'itegeko. Hakozwe inama nyunguranabitekerezo imwe ku rwego rw'Igihugu, inama imwe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse n'inama enye mpuzabikorwa z'igihembwe nk'uko byari biteganyijwe.

Mu mwaka wa 2020-2021, RGB yanditse Imiryango nyarwanda itari iya Leta mishya 112 inatanga icyakombwa cy'iyandikwa cy'agateganyo ku miryango nyarwanda itari iya Leta 205. RGB yakiriye ubusabe bw'Imiryango ishingiye ku myemerere 243 isaba kwandikwa, 24 muriyo (amatorero n'amadini icyenda, minisiteriya 10 na minisiteriya zidafite imiryango zishamikiyeho eshanu) niyo yari yujuje ibisabwa ihabwa ubuzimagatozi.

Imiryango mvamahanga itari iya Leta mishya 16 yahawe ibyangombwa biyemerera gukorera mu Rwanda, 166 yongerewe igihe cyo gukorera mu Rwanda.

Raporo zatanzwe n'Imiryango mvamahanga itari iya Leta 195 zagaragaje ko iyi miryango yakoresheje ingengo y'imari ingana n'amadorali y'Amerika 183.183.609 mu mishinga itandukanye.

Ku bufatanye na UNDP, RGB yatanze inkunga y'amafaranga y'u Rwanda 883.471.724 ku miryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 35, mu rwego rwo kuyubakira ubushobozi no gushyira mu bikorwa imishinga itandukanye iteza imbere abaturage.

Mu rwego rw'Itangazamakuru, RGB yateye inkunga y'amafaranga y'u Rwanda angana na 283.636.634 imishanga n'ibikorwa by'ibitangazamakuru 13 n'amashyirahamwe abiri y'abanyamakuru. Amafaranga yahawe Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abanyamakuru (ARJ) n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura (RMC) hagamijwe kubongerera ubushobozi kugira ngo babashe gusohoza inshingano zabo. Inkunga yahawe ibitangazamakuru yatanzwe binyuze mu ipiganwa ry'imishinga hagamijwe kubifasha guhangana n'ingaruka z'Icyorezo cya COVID-19 ndetse no kuzamura uruhare rw'itangazamakuru mu kurwanya iki cyorezo.

Mu rwego rwo guteza imbere imikorere ya kinyamwuga mu rwego rw'Itangazamakuru, ku bufatanye n'Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abanyamakuru (ARJ), n'Abafatanyabikorwa batandukanye hatanzwe ibihembo ku bitangazamakuru n'abanyamakuru babaye indashyikirwa muri gahunda ngarukamwaka izwi nka Development Journalism Awards (DJA). Muri rusange hatanzwe ibihembo 27 bifite agaciro ka miliyoni 20 z'amafaranga y'u Rwanda, bikubiyemo amafaranga n'ibikombe.

RGB kandi yagiranye inama n'ibiganiro n'inzego ndetse n'abafatanyabikorwa batandukanye hagamijwe kugaragaza ibyavuye mu bushakashatsi n'igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi. Muri bi biganiro, RGB kandi yatanze inama inakora ubuvugizi ku bibazo byagaragajwe birebana n'imiyoborere n'imitangire ya serivisi.

Mu bikorwa bijyanye n'ubuyobozi n'imirimo rusange, hibanzwe ku bikorwa byo kongerera ubushobozi Urwego n'abakozi barwo, kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose by'Urwego no mu bafatanyabikorwa no gushyira ku ikoranabuhanga serivisi n'ibikorwa bitandukanye by'Urwego.

Muri iyi raporo, RGB iragaragaza kandi ibibazo bikeneye kwitabwaho by'umwihariko hashingiwe ku bushakashatsi n'ubugenzuzi yakoze ku miyoborere n'imitangire ya serivisi. Ibyinshi muri byo byiganje mu buhinzi n'ubworozi no muri serivisi z'ubutaka.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021-2022, RGB yateganyije ibikorwa 48 bizatwara ingengo y'imari ya 3.008.426.005 Frw. Muri ayo, 1.304.007.700 Frw azava mu ngengo y'imari ya Leta naho 1.704.418.305 Frw akazava mu bafatanyabikorwa.

# INTANGIRIRO

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwashyizweho n'itegeko N°56/2016 ryo ku wa 16/12/2016 rukaba rufite inshingano zikurikira:

1. Kugenzura mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta ;
2. Gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda, kugaragaza uko abaturage babona ibibakorerwa no kubimenyekanisha;
3. Gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda no gushyiraho uburyo bwabyazwa umusaruro;
4. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere n'uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo byaba bikorwa n'umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;
5. Kugira Leta inama ku ishyirwa mu bikorwa rya politiki yo kwegereza ubushobozi n'ubuyobozi abaturage no gutanga inama ku bikorwa byo kongerera ubushobozi inzego z'ibanze;
6. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, demokarasi, imikorere n'imitangire ya serivisi zinoze no kubigiramo inama Guverinoma n'izindi nzego bireba;
7. Kugira inama Leta ku birebana na politiki n'ingamba bifitanye isano no kwimakaza imikorere n'imiyoborere myiza biteza imbere Igihugu;
8. Gutanga ibitekerezo ibisabwe cyangwa ibyibwirije mu nzego z'ubuyobozi ku mategeko akurikizwa mu Gihugu no ku mishinga y'amategeko kugira ngo byubahirize amahame shingiro ajyanye n'imiyoborere;
9. Gushyiraho ingamba zo gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no kubigaragarizwa;
10. Kwandika, gutanga ubuzimagatozi ku miryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere no gukurikirana ko imikorere yayo ikurikiza amategeko;
11. Kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo;
12. Kwandika Imitwe ya politiki no gukurikirana imikorere yayo;
13. Guteza imbere itangazamakuru no gutanga inama ku mikorere yaryo;
14. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere;
15. Gukorana n'abantu, ibigo n'amashyirahamwe byo mu gihugu ndetse n'ibyo mu mahanga bikora imirimo imwe;
16. Gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe Yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi izindi nzego za Leta zivugwa muri iri tegeko;
17. Gushyiraho imirongo ngenderwaho mu iyandikwa ry'imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere.

### RGB IFITE UBUBASHA BUKURIKIRA:

- Gusaba ibisobanuro ku byerekeye imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta n'iz'abikorera no gusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi inzego cyangwa abakozi bagaragaweho imikorere mibi;
- Gusaba ibisobanuro, guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa cyangwa kwambura ubuzimagatozi imiryango itari iya Leta cyangwa imiryango ishingiye ku myemerere;
- Guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda ku miryango mvamahanga itari iya Leta;

- Gufatira ibyemezo Umutwe wa politiki utubahirije ibiteganywa n'amategeko;
- Kwemeza ko uburyo bukoreshwa mu Rwanda ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo no gukurikirana ubukoresha nabi cyangwa ubukoresha atabifitiye uburenganzira.

IGICE CYA 1:

# IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2020–2021

# 1.1. UBUSHAKASHATSI KU MIYOBORERE

RGB yakoze ubushakashatsi ku Gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS), Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC) n'ubushakashatsi kuri Gahunda mbonezamikurire y'abana bato (ECD Scorecard). Ubu bushakashatsi bukorwa kugira ngo haboneke amakuru yifashishwa mu gushyiraho no kugena politiki zitandukanye.


RGB yanakoze isesengura ku byegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda, ndetse itanga uburenganzira bw'ibanze ku banyamahanga no ku banyarwanda bwo gukora ubushakashatsi ku miyoborere no kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo; inakurikirana uko ubwo bushakashatsi bukorwa.

## 1.1.1. Igipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS)

Igipimo cy'Imiyoborere ni ubushakashatsi bukorwa hagamijwe kugaragaza ishusho y'imiyoborere mu Rwanda no gutanga amakuru afasha mu igenwa n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki zitandukanye zirebana n'iterambere n'imiyoborere by'Igihugu.

Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda ku nshuro ya 8 kigizwe n'inkingi 8, ibipimo 35 n'udupimo 135 nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira;

Ishusho ya 1: Umubare w'Inkingi, ibipimo n'udupimo




Aho byavuye: RGS 8th Edition

Muri iyi RGS ya 8, umubare w'ibipimo ni 35 ukaba utarahindutse ugereranije na RGS ya 7, naho udupimo twavuye ku 136 tuba 135. Izi mpinduka ku mubare w'udupimo zakozwe hagamijwe gukomeza kunoza uburyo bwo gusesengura ibyavuye mu bushakashatsi.

## IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI KU GIPIMO CY'IMIYOBORERE (RGS YA 8)

Muri RGS ya 8, inkingi esheshatu ku munani ziri ku kigero cya 80% kuzamura; mu gihe ebyiri zisigaye ziri ku kigero kiri hagati ya 60% na 79,9%. Inkingi y'umutekano niyo yaje ku isonga n'amanota 95,47% mu gihe inkingi y'Imiyoborere mu bukungu n'ubucuruzi yaje inyuma n'amanota 74,65%. Kumanuka kw'iyi nkingi bifitanye isano n'ihungabana ry'ubukungu mu mwaka wa 2020 ryatewe n'ingaruka z'icyorezo cya COVID-19 aho ubukungu bwasubiye inyuma ku kigero cya -3,4%.

Ku rundi ruhande, ibipimo 23 muri 35 biri ku kigero cya 80% kuzamura, naho ibipimo 12 biri hagati ya 60% na 79,9% bikaba ari nako byari bimeze muri RGS ya 7. Ku birebana n'udupimo, 85 ku 135 turi ku kigero cya 80% kuzamura, udupimo 41 turi hagati ya 60% na 79,9%, udupimo 7 turi hagati ya 40 na 59,9%, mu gihe udupimo 2 ari two turi munsi ya 40%.

| Amanota | Umwanya (mu mabara) | Amabara |
|---|---|---|
| **0-39.9** | | umutuku |
| **40-59.9** | | Ikijuju |
| **60-79.9** | | Umuhondo |
| **80-100** | | Icyatsi kibisi |

Ugereranyije RGS ya 7 n'iya 8, Inkingi y'umutekano niyo ikomeje kuza ku isonga ku gipimo cya 95,47%. Inkingi y'ireme ry'imitangire ya serivisi niyo yazamutse kurusha izindi ku kigero cya 3,55 %. Inkingi y'Imiyoborere mu bukungu n'ubucuruzi niyo yaje inyuma ku kigero cya 74,65%.

## Imbonerahamwe ya 1: INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU GIPIMO CY'IMIYOBORERE MU RWANDA (RGS YA 8)

### IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO — 87.08

| Ingingo | Amanota |
|---|---|
| Imikorere y'ubucamanza | 77.96 |
| Imikorere y'ubushinjacyaha | 94.53 |
| Kubona ubutabera ku gihe | 86.02 |
| Imikorere y'inteko ishinga amategeko | 89.79 |

### UBURENGANZIRA MU BYA POLITIKE N'UBWISANZURE BW'ABATURAGE — 83.80

| Ingingo | Amanota |
|---|---|
| Demokarasi n'ubwisanzure | 83.60 |
| Uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu gushyiraho politiki | 77.03 |
| Imikorere y'imitwe ya politike | 91.28 |
| Kubona amakuru afitwe n'inzego za Leta | 83.90 |
| Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu n'iry'amasezera-no mpuzamahanga | 83.16 |

### IMIYOBORERE ABATURAGE BAGIZEMO URUHARE KANDI IDAHEZA — 84.19

| Ingingo | Amanota |
|---|---|
| Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 89.06 |
| Kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage | 84.71 |
| Uruhare rwa sosiyete sivile | 75.33 |
| Uburinganire mu nzego z'ubuyobozi | 81.65 |
| Gusaranganya ubutegetsi | 90.20 |

### UMUTEKANO — 95.47

| Ingingo | Amanota |
|---|---|
| Kubungabunga umutekano | 95.38 |
| Umutekano rusange w'Igihugu | 99.53 |
| Umutekano w'abantu n'ibintu | 93.19 |
| Ubumwe, ubwiyunge n'imibanire y'abanyarwanda | 93.76 |

### KUZAMURA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE
**75.23**

- Uburezi: **76.17**
- Ubuzima: **91.33**
- Gahunda zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage: **61.88**
- Guhangana n'ingaruka z'imihinda-gurikire y'ikirere no kubungabunga ibidukikije: **71.53**

### KURWANYA RUSWA NO GUKORERA MU MUCYO
**86.77**

- Ibyaha bijyanye na ruswa: **88.10**
- Kurwanya ruswa: **77.35**
- Gukorera mu mucyo: **95.91**
- Kugaragariza abaturage ibibakorerwa: **85.7**


### IREME RY'IMITANGIRE YA SERIVISI
**81.86**

- Serivisi z'imiyoborere n'ubutabera: **87.15**
- Serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage: **82.31**
- Serivisi z'ubukungu: **73.24**
- Ireme ry'imitangire ya serivisi mu nzego za leta, iz' Abikorera n' izo muri sosiyete sivili: **77.48**
- Imtangire ya serivisi hakoreshejwe ikoranabuhanga: **89.11**

### IMIYOBORERE MU BUKUNGU N'UBUCURUZI
**74.65**

- Ibipimo by'ubukungu: **71.58**
- Guteza imbere ubucuruzi mpuzamahanga n'inganda: **66.61**
- Guteza imbere ishoramari: **86.6**
- Imicungire y'ibigo by' ubucuruzi: **73.79**


## Ishusho ya 2: Ikigereranyo cya RGS ya 7 n'iya 8




Aho byavuye: RGS 8th Edition

RGS ya 8 iragaragaza kandi ko ibipimo 5 kuri 35 byazamutse ku kigereranyo kiri hejuru ya 5%. Igipimo kirebana no gukorera mu mucyo nicyo kiza imbere mu byazamutse cyane kuko cyazamutseho 7,14%.

## Ishusho ya 3: Ibipimo byazamutse kurusha ibindi (hejuru ya 5%)




Aho byavuye: RGS 8th Edition

### 1.1.2. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC)

Ubushakashatsi bwa CRC bukorwa buri mwaka hagamijwe kugaragaza uko abaturage bishimiye serivisi bahabwa n'inzego zibegereye ndetse n'uruhare bagira mu bibakorerwa. Intego nyamukuru y'ubu bushakashatsi ni ugufasha inzego zegereye abaturage kunoza imitangire ya serivisi no kurushaho kurangwa n'imiyoborere ishyira umuturage ku isonga.

Ubushakashatsi bwa CRC 2021 bwubakiye ku byiciro 16 bikubiye mu nkingi eshatu za gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) arizo Ubukungu, Imibereho myiza n'Imiyoborere.

Mu bukungu hasuzumwe ubuhinzi, ubworozi, ibikorwaremezo, ikoranabuhanga n'itumanaho, ubutaka n'ibidukikije ndetse n'urwego rw'abikorera. Mu mibereho myiza hasuzumwe uburezi, ubuzima, isuku, gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye ndetse n'imibereho y'umuryango nyarwanda. Mu nkingi y'Imiyoborere hasuzumwe serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, ubutabera, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi, umutekano ndetse n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

#### Ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC 2021

Ubushakashatsi bwa CRC ya 2021 bwagaragaje ko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi ku kigero cya 74,1%. Ibyiciro icumi kuri 16 byasuzumwe biri hejuru ya 70%, aho umutekano waje ku isonga n'amanota 91,6% naho serivisi z'ubuhinzi zishimwa n'abaturage ku gipimo cyo hasi cya 59,5%.

Imbonerahamwe ya 2: Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage

| IBYICIRO | CRC 2021 |
|---|---|
| Umutekano | 91.6% |
| Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 87.6% |
| Iyubahirizwa ryamahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi | 87.6% |
| Isuku | 81.0% |
| Ubutabera | 79.6% |
| Ubworozi | 75.0% |
| Imibereho y'umuryango nyarwanda | 74.7% |
| Ubuzima | 73.7% |
| Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye | 72.8% |
| Inzego z'ibanze | 70.9% |
| Uburezi | 68.8% |
| Ikoranabuhanga n'itumanaho | 68.3% |
| Urwego rw'abikorera | 67.5% |
| Ibikorwaremezo | 65.9% |
| Ubutaka n'ibidukikije | 61.7% |
| Ubuhinzi | 59.5% |
| **Impuzandengo** | **74.1%** |

Aho byavuye: CRC 2021

## Uko Ibyiciro bihagaze ugereranyije CRC 2021 na CRC 2020

### Imbonerahamwe ya 3: Uko ibyiciro bihagaze ugereranyije CRC 2021 na CRC 2020

| Nº | ICYICIRO | CRC 2021 | CRC 2020 | IMPINDUKA (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | URUHARE RW'ABATURAGE MU BIBAKORERWA | 87,6% | 77,2% | ▲ | 10,4% |
| 2 | ISUKU | 81,0% | 73,9% | ▲ | 7,1% |
| 3 | UBUREZI | 68,8% | 62,6% | ▲ | 6,2% |
| 4 | IBIKORWAREMEZO | 65,9% | 60,0% | ▲ | 5,9% |
| 5 | GAHUNDA ZO KUZAMURA IMIBEREHO NO KWITA KU BATISHOBOYE | 72,8% | 68,0% | ▲ | 4,8% |
| 6 | IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO | 68,3% | 64,6% | ▲ | 3,7% |
| 7 | URWEGO RW'ABIKORERA | 67,5% | 64,3% | ▲ | 3,2% |
| 8 | INZEGO Z'IBANZE | 70,9% | 67,7% | ▲ | 3,2% |
| 9 | IYUBAHIRIZWA RYAMAHAME N'IMIYOBORERE N'ICYIZ-ERE KU NZEGO Z'UBUYOBOZI | 87,6% | 86,2% | ▲ | 1,4% |
| 10 | UBUZIMA | 73,7% | 72,4% | ▲ | 1,3% |
| 11 | IMIBEREHO Y'UMURYANGO NYARWANDA | 74,7% | 73,5% | ▲ | 1,2% |
| 12 | UBUHINZI | 59,5% | 58,5% | ▲ | 1,0% |
| 13 | UBWOROZI | 75,0% | 74,9% | ▲ | 0,1% |
| 14 | UMUTEKANO | 91,6% | 91,6% | = | 0 |
| 15 | UBUTABERA | 79,6% | 80,1% | ▼ | -0,5% |
| 16 | UBUTAKA N'IBIDUKIKIJE | 61,7% | 65,7% | ▼ | -4,0% |
| IGITERANYO | | 74,1% | 71,3% | ▲ | 2,8% |


Aho byavuye: CRC 2021

Ugereranyije CRC 2021 na CRC 2020, ibyiciro bine nibyo byazamutse kurusha ibindi hejuru ya 5%. Ibyo byiciro ni uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa (10,4%) , isuku (7,1%), uburezi (6,2%) ndetse n'ibikorwaremezo (5,9%).

## Uko uturere duhagaze muri CRC 2021

Muri rusange, mu turere 11 abaturage bashima serivisi bahabwa n'inzego zibegereye ndetse n'uruhare rwabo mu bibakorerwa nibura ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Akarere ka Rwamagana niko kaje ku isonga ku gipimo cya 78% mu gihe akarere ka Kamonyi ariho abaturage bashima ku gipimo cyo hasi cya 67,6%.

### Ikarita ya 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC 2021




Aho byavuye: CRC 2021

### Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere

| AKARERE | CRC 2021 |
|---|---|
| Rwamagana | 78.0% |
| Rulindo | 77.5% |
| Gisagara | 77.4% |
| Huye | 77.2% |
| Rusizi | 76.9% |
| Nyaruguru | 76.8% |
| Nyamagabe | 76.8% |
| Nyamasheke | 76.6% |
| Ngoma | 76.4% |
| Nyanza | 76.1% |

| AKARERE | CRC 2021 |
|---|---|
| Gakenke | 75.2% |
| Kirehe | 74.9% |
| Gasabo | 74.8% |
| Musanze | 74.1% |
| Rubavu | 74.0% |
| Kayonza | 73.7% |
| Kicukiro | 73.7% |
| Gatsibo | 73.7% |
| Burera | 73.6% |
| Nyagatare | 73.6% |

| AKARERE | CRC 2021 |
|---|---|
| Karongi | 73.4% |
| Nyabihu | 73.0% |
| Ngororero | 72.4% |
| Rutsiro | 72.1% |
| Muhanga | 71.7% |
| Bugesera | 70.8% |
| Gicumbi | 70.0% |
| Nyarugenge | 68.1% |
| Ruhango | 68.1% |
| Kamonyi | 67.6% |
| Impuzandengo | 74.1% |

## Imbonerahamwe ya 4: Uko uturere duhagaze ugereranyije CRC 2021 na CRC 2020

| Nº | AKARERE | CRC 2021 | CRC 2020 | IMPINDUKA (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Nyamagabe | 76,8% | 65,2% | ▲ | 11,6% |
| 2 | Gasabo | 74,8% | 63,9% | ▲ | 10,9% |
| 3 | Nyagatare | 73,6% | 64,8% | ▲ | 8,8% |
| 4 | Nyaruguru | 76,8% | 68,8% | ▲ | 8,0% |
| 5 | Kirehe | 74,9% | 67,2% | ▲ | 7,7% |
| 6 | Gatsibo | 73,7% | 66,2% | ▲ | 7,5% |
| 7 | Huye | 77,2% | 70,5% | ▲ | 6,7% |
| 8 | Kayonza | 73,7% | 67,5% | ▲ | 6,2% |
| 9 | Nyamasheke | 76,6% | 71,2% | ▲ | 5,4% |
| 10 | Rusizi | 76,9% | 72,0% | ▲ | 4,9% |
| 11 | Ngoma | 76,4% | 72,8% | ▲ | 3,6% |
| 12 | Kicukiro | 73,7% | 70,4% | ▲ | 3,3% |
| 13 | Burera | 73,6% | 70,9% | ▲ | 2,7% |
| 14 | Nyanza | 76,1% | 73,6% | ▲ | 2,5% |
| 15 | Gisagara | 77,4% | 75,1% | ▲ | 2,3% |
| 16 | Rutsiro | 72,1% | 69,9% | ▲ | 2,2% |
| 17 | Rwamagana | 78,0% | 75,8% | ▲ | 2,2% |
| 18 | Muhanga | 71,7% | 71,3% | ▲ | 0,4% |
| 19 | Rubavu | 74,0% | 73,6% | ▲ | 0,4% |
| 20 | Nyarugenge | 68,1% | 67,8% | ▲ | 0,3% |
| 21 | Kamonyi | 67,6% | 68,2% | ▼ | -0,6% |
| 22 | Ngororero | 72,4% | 73,0% | ▼ | -0,6% |
| 23 | Karongi | 73,4% | 74,2% | ▼ | -0,8% |
| 24 | Gakenke | 75,2% | 76,2% | ▼ | -1,0% |
| 25 | Musanze | 74,1% | 75,4% | ▼ | -1,3% |
| 26 | Rulindo | 77,5% | 79,1% | ▼ | -1,6% |
| 27 | Nyabihu | 73,0% | 76,4% | ▼ | -3,4% |
| 28 | Bugesera | 70,8% | 74,3% | ▼ | -3,5% |
| 29 | Ruhango | 68,1% | 72,9% | ▼ | -4,8% |
| 30 | Gicumbi | 70,0% | 75,0% | ▼ | -5,0% |
| IGITERANYO | | 74,1% | 71,3% | ▲ | 2,8% |

Aho byavuye: CRC 2021


Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021, RGB yanakoze imenyekanisha ry'ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC 2020 ku rwego rw'intara zose n'Umujyi wa Kigali ndetse no mu turere twose hagamijwe kuzamura uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa no kunoza imitangire ya serivisi.

### 1.1.3. Ubushakashatsi kuri Gahunda mbonezamikurire z'abana bato (ECD Scorecard, 1st Edition)

RGB ku bufatanye n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe imikurire no kurengera umwana (NCDA) yakoze ubushakashatsi kuri Gahunda mbonezamikurire z'abana bato (ECD program). Ubu bushakashatsi bwakorewe mu turere cumi na dutatu (13) twagaragayemo imirire mibi n'igwingira ry'abana bato kurusha utundi aritwo: Bugesera, Gakenke, Huye, Karongi, Kayonza, Ngororero, Nyabihu, Nyamagabe, Nyaruguru, Rubavu, Ruhango, Rutsiro na Rusizi. Ubushakashatsi bwibanze ku nkingi esheshatu arizo: Imirire, Ubuzima, Isuku n'isukura, Uburere buboneye, Gutegura umwana kwiga hakiri kare ndetse no Kurinda no kurengera umwana.

Ubushakashatsi bugaragaraza ko Gahunda mbonezamikurire y'abana bato iri ku gipimo cya 77,4% aho mu nkingi esheshatu zakoreweho ubushakashatsi ebyiri arizo ziri ku gipimo kiri hejuru ya 80% zikaba ari Ubuzima (86,8%) no Kurinda no kurengera umwana(83,6%).

Ishusho ya 4: Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi kuri Gahunda mbonezamikurire y'abana bato




Aho byavuye: ECD Scorecard, 1st Edition

Zimwe mu mbogamizi zagaragajwe n'ubushakashatsi ni izi zikurikira:

- Umubare ukiri muto w'ingo mbonezamikurire zujuje ibisabwa;
- Ubwitabire bukiri hasi bw'abana bagana Ingo mbonezamikurire;
- Serivisi itanoze ya gahunda yo gutanga amata n'ifu ya shisha kibondo;
- Indyo ituzuye ku bagore bari mu cyiciro cy'uburumbuke;
- Gahunda yo gutanga ifunguro ryo ku manywa itaragera ku mashuri abanza yose.

### 1.1.4. Ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda

RGB yasesenguye ibyavuye mu byegeranyo mpuzamahanga bitandukanye bigaragaza uko ibihugu bihagaze hagamijwe kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando mpuzamahanga.

Ibyegeranyo byakorewe isesengura bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe ya 5: Uko bimwe mu byegeranyo mpuzamahanga bigaragaza u Rwanda

| No | ICYEGERANYO | URWEGO RUGIKORA | UMWANYA U RWANDA RURIHO KU ISI | UMWANYA U RWANDA RURIHO MURI AFURIKA | AMANOTA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Global Gender Gap report 2021 | World Economic Forum | 7/153 | 2 muri Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara | 0,805/1 |
| 2 | Corruption perception index 2020 | Transparency International | 49/180 | 4 muri Afurika yo munsi y'ubutayu bwa Sahara | 54% |
| 3 | Africa visa openness report 2020 | African development bank (AfDb) | N/A | 6/54 | 0,868/1 |
| 4 | Global peace index 2021 | Institute for Economics & Peace (IEP) | 83/163 | - | 2,028/1 |
| 5 | Global innovation index 2020 | WIPO | 91/131 | - | 25,06% |
| 6 | Ibrahim index of African governance | Mo Ibrahim Foundation | | 11/54 | 60.5% |
| 7 | Index of economic freedom 2020 | Heritage foundation | 33/180 | - | 70.9% |
| 8 | Rule of Law Index 2020 | World Justice Project | 37 /128 | - | 0.62/1 |

Aho byavuye: Isesengura rya RGB

### 1.1.5. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda

RGB yakiriye ubusabe 7 bw'abifuzaga gukora ubushakashatsi ku bijyanye n'imiyoborere n'uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo. Nyuma yo gusuzuma ubwo busabe, butandatu (6) bwaremewe buhabwa impushya kuko bwari bwujuje ibisabwa naho ubusabe bumwe (1) ntibwemewe kuko butari bwujuje ibisabwa.

## 1.2. UBURYO BW'UMWIMERERE NYARWANDA BWO KWISHAKAMO IBISUBIZO

RGB yakoze ibikorwa bitandukanye bigamije gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo. Muri uyu mwaka, RGB yatangiye gahunda yo kwandikisha ku rwego rw'igihugu gahunda y'Umuganda, Ubudehe n'Umwiherero ziyongera ku zindi gahunda esheshatu zanditswe mbere arizo: Ndi Umunyarwanda, Gacaca, Abunzi, Imihigo, Umushyikirano na Girinka.

Mu rwego kandi rwo kumenyekanisha gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo, RGB yashyize ku rubuga rw'ikoranabuhanga (Digital Platform) amakuru ajyanye na gahunda yo Kwita Izina, Umwalimu Sacco, Gacaca, Umuganda, Abajyanama b'Ubuzima, Girinka, Abunzi n' Umushyikirano.

## 1.3. IMITANGIRE YA SERIVISI

RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka n'izo mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano. RGB yanakoze ubukangurambaga bugamije kunoza imitangire ya serivisi "Nk'uwikorera" inakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe ku mitangire ya serivisi. Ku bufatanye n'izindi nzego kandi, RGB yashyizeho ibipimo fatizo byifashishwa mu kugenzura serivisi inakora icyegeranyo cya serivisi zitangwa n'inzego za Leta hifashishijwe ikoranabuhanga.

### 1.3.1. Igenzura ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka

RGB yakoze igenzura ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka mu nzego za Leta 37, mu bigo bine (4) by'abikorera no mu miryango itari iya Leta itandatu (6). Serivisi zakoreweho igenzura ni iy'icyangombwa cyo kubaka, ihererekanya ry'ubutaka na serivisi z'imisoro ku butaka.

Ibyavuye mu igenzura ry'imitangire ya serivisi z'ubutaka mu nzego za Leta bigaragaza ko abazihawe bazishima ku gipimo cya 69,39%. Mu rwego rw'abikorera hagenzuwe serivisi ebyiri arizo iy'icyangombwa cyo kubaka n'ihererekanya ry'ubutaka zikaba zishimwa ku gipimo cya 89,42%. Ibyagenzuwe mu miryango itari iya Leta mu rwego rw'ubutaka ni ibirebana n'ubukangurambaga n'ubuvugizi aho bishimwa ku gipimo cya 73,64%.

Bimwe mu bibazo byagaragajwe n'igenzura harimo kutubahiriza igihe cyagenwe mu gutanga serivisi n'iminsi mike yagenewe gutanga serivisi z'ubutaka mu nzego z'ibanze. Byagaragaye kandi ko hakiri ikibazo cy'ikoranabuhanga ridakora uko bikwiye bikadindiza imitangire ya serivisi hakaba n'abaturage badasobanukiwe n'amategeko y'ubutaka n'imikoreshereze yabwo.

### 1.3.2. Ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera"

RGB yakoze ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi no kumenyekanisha gahunda ya "Nk'uwikorera". Ubu bukangurambaga bwibanze ku kuzamura ubumenyi bw'abatanga serivisi n'abayihabwa basobanurirwa uruhare n'akamaro imitangire ya serivisi inoze ifite mu iterambere ry'Igihugu.

Mu rwego rwo gukomeza kubahiriza amabwiriza yo kwirinda ikwirakwiza ry'icyorezo cya COVID-19, ubukangurambaga bwanyujijwe ku maradiyo y'abaturage atanu yumvikana mu turere hafi ya twose ariyo: Huguka, Isangano, Ishingiro, Izuba na Radiyo Musanze.

Muri ubu bukangurambaga, hibanzwe ku gusobanurira abaturage intego z'Igihugu ku birebana n'imitangire ya serivisi nk'uko bigaragara muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) ndetse n'uko imitangire ya serivisi ihagaze nk'uko ubushakashatsi butandukanye bubigaragaza. RGB kandi yagaragarije abasaba n'abatanga serivisi uruhare rwa buri wese mu guteza imbere imitangire ya serivisi inoze.

### 1.3.3. Icyegeranyo cya serivisi zitangwa n'inzego za Leta hifashishijwe ikoranabuhanga

Ku bufatanye bwa RGB, RISA, MINICT na MIFOTRA hakozwe icyegeranyo cya serivisi zitangwa n'inzego za Leta 143 hagamijwe gusuzuma uko gutanga serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga bihagaze. Ibarura ryagaragaje ko serivisi zitangwa mu nzego zagenzuwe ari 1787, muri zo harimo 349 bitewe n'imiterere yazo zidashobora gutangwa hifashishijwe ikoranabuhanga.

Muri serivisi zabaruwe, 893 zamaze kugezwa ku ikoranabuhanga, 402 nizo zitangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga kugeza ku ndunduro (fully digitized) naho 491 zitangwa igice hifashishijwe ikoranabuhanga (partially digitized), mu gihe 548 zitari zagezwa ku ikoranabuhanga.

Iri genzura ryagaragaje ko hakenewe kongera imbaraga mu gukoresha ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi kugira ngo Igihugu kizabashe kugera ku ntego cyihaye y'uko muri 2024 serivisi zose z'inzego za Leta zigomba kuba zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga.

### 1.3.4. Gushyiraho ibipimo fatizo byifashishwa mu kugenzura imitangire ya serivisi (quality service delivery standards)

Ku bufatanye bwa RGB n'izindi nzego zirimo MIFOTRA, MINALOC, RSB na NPSC, hashyizweho ibipimo fatizo byifashishwa mu kunoza imitangire ya serivisi mu nzego za Leta, iz'abikorera ndetse n'imiryango itari iya Leta. Buri rwego rushobora kwifashisha ibyo bipimo mu gukora ibipimo byarwo ruzagenderaho bitewe n'imiterere ya serivisi rutanga (customization).

Ibipimo fatizo byakozwe hagendewe ku nkingi zirindwi arizo:

1. Gutangira serivisi ku gihe (Time & timeliness);
2. Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi (Reliability & consistency);
3. Korohereza abasaba serivisi kuzigeraho (Accessibility & convenience);
4. Gushyiraho uburyo bunoze bwo gusubiza ibibazo by'abakugana (Responsiveness);
5. Kwita ku bakugana (Empathy);
6. Ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi (Assurance);
7. Ibikoresho n'ibikorwaremezo (Tangibles).

Ibi bipimo kandi bizafasha inzego guhora zigenzura ngo zirebe aho zigeze n'ahashyirwa imbaraga mu rwego rwo kwihutisha intego ya NST1 ivuga ko muri 2024 abaturage bagomba kuzaba bishimiye imitangire ya serivisi nibura ku kigero cya 90%.

### 1.3.5.Igenzura ry'imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano

RGB yakoze igenzura mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano mu rwego rwo kureba uko imiyoborere, imitangire ya serivisi ndetse n'ubufatanye bwa ba nyir'amashuri na Leta bihagaze. Igenzura ryakorewe mu mashuri 85 aherereye mu Ntara zose n'Umujyi wa Kigali, mu turere 11 n'imirenge 64.

#### 1.3.5.1.Igenzura ku miyoborere mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano

Mu rwego rw'imiyoborere, igenzura ryibanze ku nkingi eshatu arizo imikoranire ya Leta na ba nyir'amashuri, imikorere y'inzego muri ayo mashuri ndetse n'uburyo bwo gukorera mu mucyo muri ayo mashuri (transparency and accountability mechanisms).

#### Imikoranire ya Leta na ba nyiri amashuri

Bimwe mu byagaragajwe n'iri genzura harimo ko amasezerano y'ubufatanye hagati ya Leta na ba nyiri amashuri atazwi na benshi mu bafatanyabikorwa. Ba nyir'amashuri bagera kuri 31,6% gusa nibo babashije kwerekana inyandiko z'amasezerano naho mu turere twose n'imirenge byakorewemo igenzura nta na hamwe bari bafite izo nyandiko. Na bake bafite izo nyandiko, byagaragaye ko ari izasinywe mu mwaka wa 1987, ayo masezerano akaba atakijyanye n'amategeko ariho ubu mu rwego rw'uburezi.

#### Imikorere y'inzego

Ku bijyanye n'imikorere y'inzego mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano, kimwe mu byagaragajwe n'igenzura ni uko urwego rwihariye (special administrative organ) rw'aya mashuri rudakora haba ku rwego rw'igihugu, urw'akarere no ku rwego rw'umurenge nk'uko biteganywa n'amategeko. Icyakora, inama z'uburezi zo ziraterana ku kigero cya 87,5% ku rwego rw'Umurenge naho ku rwego rw'akarere ni ku kigero cya 90,9%. Izindi nzego zirimo inama y'ababyeyi na komite y'inama y'ababyeyi ziterana uko bikwiye ku kigero kiri hejuru ya 95% ariko komite y'ubugenzuzi yo iterana ku kigero cya 31,8% gusa. Aho komite z'ubugenzuzi zikora, mu ishuri rimwe ryonyine niho komite yateranye inshuro esheshatu mu mwaka nk'uko biteganywa n'amategeko. Ikibazo cy'inzego zidakora uko bikwiye gishobora gutuma habaho imiyoborere itanoze y'aya mashuri ndetse bikaba byanagira ingaruka ku burezi buyatangirwamo.

#### Uburyo bwo gukorera mu mucyo

Kuri iyi ngingo, igenzura ryagaragaje ko amashuri 55 kuri 85 yagenzuwe nta nyandiko y'imicungire y'umutungo agira kandi iyo ari imwe mu bifasha gucunga neza umutungo no gukorera mu mucyo. Byagaragaye kandi ko amashuri 30 ariyo yonyine yakoze igenzura ry'umutungo ariko nayo nta buryo yashyizeho bwo gukurikirana ko imyanzuro yafashwe ishyirwa mu bikorwa.

Ku bijyanye n'imitangire y'amasoko, igenzura ryagaragaje ko amashuri 66 yashyizeho uburyo bwo gutanga amasoko ariko amenshi muri yo ntafite gahunda y'amasoko yari ateganyijwe gutangwa ndetse na raporo y'amasoko yatanzwe.

Muri rusange, mu rwego rw'imiyoborere y'amashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano, igenzura ryagaragaje ko hakenewe gushyirwaho amasezerano y'ubufatanye agaragaza neza uruhare rwa buri wese. Hakeneye kandi gushyira imbaraga ku mikorere y'inzego no kurushaho gukorera mu mucyo kugira ngo inzego z'imiyoborere muri ayo mashuri zikore neza.

### 1.3.5.2 Igenzura ry'imitangire ya serivisi mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano

Igenzura ry'imitangire ya serivisi mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano ryibanze ku nkingi eshanu arizo: kwihutisha serivisi, ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi, ibikoresho n'ibikorwaremezo, kwita ku bakugana ndetse no kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi.
Kwihutisha serivisi
Kuri iyi nkingi hagenzuwe kubahiriza igihe ku barimu, kureba ko abarimu bafite ibyangombwa birimo gahunda y'umwarimu y'umunsi (availability of teacher class diaries), ikayi y'ubwitabire bw'abanyeshuri (student attendance register) n'ingengabihe (student daily calendar). Ibyagenzuwe byose bihagaze neza kuko byose biri ku gipimo kirenze 90%.

### Ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi

Ibyavuye mu igenzura bigaragaza ko ku bijyanye no kubaka ubushobozi bw'abarimu, 90,6% by'abarimu bo mu mashuri yagenzuwe bahawe amahugurwa mu rwego rwo kubongerera ubumenyi. Ariko kongerera abarimu ubushobozi binyuze mu bikoresho n'imfashanyigisho biracyari imbogamizi kuko abarimu bahawe ibikoresho ari 50,6% gusa, abahawe imfashanyigisho bakaba 65,9% naho ababonye ubundi bufasha mu kubongerera ubushobozi ni 48,2%. Uku kutabona ibikoresho, imfashanyigisho cyangwa ibindi bifasha abarimu kongera ubushobozi bishobora gutuma badakora akazi kabo neza bityo bikadindiza ireme ry'uburezi.

Ku bijyanye n'amahugurwa ku burezi budaheza, hagaragaye ko 36,5% by'ibigo by'amashuri byagenzuwe nta mwarimu n'umwe bifite wahuguriwe kwita ku bana bafite ubumuga naho ibigera kuri 49,4% bifite abarimu bahuguwe ku burezi budaheza bari hagati y'umwe na batatu gusa ku kigo. Ibi bikaba bituma abanyeshuri bafite ubumuga batitabwaho uko bikwiye.

Nk'uko bigaragara, ubufasha buhabwa abanyeshuri bafite ubumuga kugira ngo boroherezwe kwiga buracyari buke. Ikindi cyagaragaye ni uko, usibye kubaha igihe gihagije mu gihe cy'ibizami, abanyeshyuri bafite ubumunga nta bundi bufasha buhagije bahabwa kugira ngo babashe gukurikira amasomo nka bagenzi babo badafite ubumuga. By'umwihariko, mu bigo by'amashuri byagenzuwe hagaragaye kimwe gusa gifite icyumba cyabugenewe cyo gufashirizamo abanyeshuri bafite ubumuga n'abandi bafite ibibazo byihariye batabasha gukurikira amasomo neza (resource room). Ibi bikaba byatuma abanyeshuri bafite ubumuga ndetse n'abandi bafite ibibazo byihariye mu myigire yabo batabona ubufasha uko bikwiye.

## Ibikoresho n'ibikorwaremezo


Kuri iyi nkingi hagenzuwe niba amashuri afite imfashanyigisho, amazi n'amashanyarazi, isuku n'ibikoresho byo kwita ku buzima ndetse hanagenzurwa niba hari inyubako zifite inzira zorohereza abafite ubumuga. Ku bijyanye n'imfashanyigisho, ibyavuye mu igenzura bigaragaza ko 81,2% by'amashuri yagenzuwe afite imfashanyigisho ariko haracyari ikibazo cy'imfashanyigisho zihariye z'abafite ubumuga kuko amashuri angana na 4,7% ariyo yonyine azifite. Ibi bikaba ari imbogamizi kuri abo banyeshuri kuko batabasha gukurikira amasomo uko bikwiye.

Igenzura kandi ryagaragaje ko 80% by'ibigo by'amashuri bifite isomero ririmo ibitabo ariko amenshi muriyo akaba adafite ahantu hisanzuye hagenewe gusomera. Ku bijyanye n'ikoranabuhanga, ibyavuye mu igenzura bigaragaza ko 68,2% by'amashuri yagenzuwe afite ibyumba byagenewe ikoranabuhanga birimo na mudasobwa naho agera kuri 50,6% gusa akaba ariyo afite murandasi (internet connection). Ibi bikaba ari imbogamizi kuko hatari murandasi n'amashuri afite ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga ntiyabasha kubibyaza umusaruro uko bikwiye.

Byagaragaye kandi ko 49,4% by'amashuri yagenzuwe ariyo yonyine afite ahagenewe imyidagaduro n'imikino. Uku kutagira ibikorwaremezo bifasha abanyeshuri gukina no kwidagadura bikaba byatuma batabasha kwiga neza, kwagura impano zitandukanye ndetse no guhanga udushya mu myigire yabo.

Ku bijyanye n'amazi, ibyavuye mu igenzura bigaragazwa n'ishusho ikurikira:

### Ishusho ya 5: Amazi ku mashuri yagenzuwe





Aho byavuye: Assessment of governance and service delivery in subsidized schools

Ishusho iri hejuru iragaragaza ko nubwo amashuri menshi afite amazi, haracyari umubare munini w'amashuri adafite amazi meza yo kunywa, bikaba byatuma abanyeshuri banywa amazi adasukuye ashobora kubatera indwara zitandukanye.

Ibyavuye mu igenzura ku bijyanye n'isuku n'ubuzima, biragaragara ku ishusho ikurikira.

Ishusho ya 6: Ibyavuye mu igenzura ku isuku n'ubuzima




Aho byavuye: Assessment of governance and service delivery in subsidized schools

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, amashuri menshi yashyizeho amabwiriza y'isuku. Amashuri agera kuri 29,4% byagaragaye ko atagira icyumba cy'umukobwa ndetse agera kuri 74,1% nta vuriro (school dispensary).

## Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi

Muri iki cyiciro, hagaragaye ko amashuri yose yubahiriza amabwiriza yo gutegura no gushyira ahagaragara integanyamasomo n'ingengabihe y'amashuri. Ku bijyanye na raporo y'ibikorwa, hagaragaye ko amashuri angana na 48,2% ariyo yonyine yateguye izo raporo. Kutagira izi raporo bituma amashuri atamenya neza intambwe yateye agana ku ireme ry'uburezi rikenewe, imbogamizi yahuye nazo ndetse n'amasomo yakwigira ku gihe cyashize.

Muri rusange, mu rwego rwo kunoza serivisi mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano, igenzura ryagaragaje ko gufasha abanyeshuri bafite ubumuga ari kimwe mu bigikeneye kongerwamo imbaraga. Mu byagaragaye ko bikiri imbogamizi ku myigire yabo harimo amahugurwa adahagije y'abarimu ku burezi budaheza, ibikorwaremezo biborohereza bidahagije ndetse no kuba nta mfashanyigisho zihariye zihari kugira ngo babashe kwiga uko bikwiye.

## 1.4. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA NO GUHUZA IBIKOR WA BYA JADF

Mu rwego rwo guteza imbere amahame y'imiyoborere, hakozwe ibiganiro ku miyoborere mu nzego zitandukanye binyujijwe muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza, guhuza ibikorwa bya JADF ndetse no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho.

### 1.4.1. Ibiganiro binyujijwe muri Gahunda y'Imiyoborere Twifuza

Muri uyu mwaka, hakozwe ibiganiro bitandukanye ku miyoborere myiza n'imitangire ya serivisi inoze byibanze ku byiciro bikurikira: ubukangurambaga mu baturage, urubyiruko rw'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye, amashuri makuru na kaminuza.

### Ubukangurambaga mu baturage

Muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza hakozwe ibiganiro binyuze ku maradiyo y'abaturage bigamije kubakangurira kugira uruhare mu bibakorerwa no mu gukemura ibibazo bibangamiye iterambere ryabo ndetse no kubibutsa ko nabo bafite uburengenzira n'uruhare kuri serivisi inoze. Ibi biganiro kandi byari bigamije gukangurira abayobozi guha umuturage umwanya ukwiye mu igenamigambi ndetse no mu ishyirwa mu bikorwa n'ikurikiranabikorwa rya gahunda zimugenewe.

### 1.4.2. Ibiganiro n'urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye na kaminuza

RGB yagiranye ibiganiro n'urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye, amakuru na kaminuza mu rwego rwo kubashishikariza kugira uruhare mu kwimakaza imiyoborere myiza n'imitangire ya serivisi inoze. Ibi biganiro byakozwe hakoreshejwe ikoranabuhanga bijyanye n'ingamba zo kwirinda ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19, byitabirwa n'abanyeshuri baturutse mu mashuri yisumbuye umunani (8) makuru na kaminuza 12. Ibi biganiro byibanze ku mahame y'imiyoborere myiza, ku ntego Igihugu cyihaye ndetse no ku ruhare rw'urubyiruko mu kwihutisha iterambere ry'Igihugu.

Muri ibi biganiro, urubyiruko rwahawe umwanya uhagije wo gutanga ibitekerezo ku ruhare rwabo mu kwimakaza imiyoborere myiza. Icyagaragaye ni uko uruhare rw'urubyiruko muri gahunda za Leta no mu miyoborere y'Igihugu muri rusange rukeneye kongerwamo ingufu. Abitabiriye inama biyemeje gukangurira bagenzi babo kurushaho kugira uruhare bagatanga umusanzu mu kwiyubakira Igihugu.

### 1.4.3. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho mu nzego z'ibanze (Peer Review and Peer Learning)

Gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho igamije kunoza imitangire ya serivisi n'imicungire y'umutungo mu bigo bya Leta bitagenerwa ingengo y'imari n'itegeko (Non-budget agencies) birimo imirenge, utugari, ibigo nderabuzima, amashuri abanza n'ay'isumbuye. Iyi gahunda ikorerwa ku rwego rw'Umurenge, ikibanda ku nkingi enye arizo: Aho gukorera haboneye, Imitangire ya serivisi, Imicungire y'imari n'imitungo bya Leta n'Imicungire ya gahunda za Leta zigamije guhindura imibereho y'abaturage,

## Aho gukorera haboneye

Muri iyi nkingi hasuzumwa ubusitani, isuku, umutekano w'ahakorerwa, ibimenyetso ndangahantu, aho ibinyabiziga bihagarara, aho gukorera n'aho kwicara, aho abasaba serivisi bategerereza, ingufu z'amashanyarazi n'ibikoresho by'ikoranabuhanga. Muri uyu mwaka, iyi nkingi yasuzumwe mu Ntara y'Amajyepfo, iy'Iburengerazuba, iy'Amajyaruguru n'Umujyi wa Kigali.

Mu Ntara y'Amajyepfo hasuwe ibigo (NBAs) 179 aho isuzuma ryagaragaje ko hari ibigomba kwitabwaho kugira ngo ibyo bigo bigire aho gukorera haboneye nk'uko biragaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 6: Ibigo bidafite iby'ibanze byasuzumwe ku bijyanye n'aho gukorera haboneye mu Ntara y'Amajyepfo

| ICYASUZUMWE | UMUBARE W'IBIGO | % |
|---|---|---|
| Ubwishingizi | 129 | 72% |
| Imbago z'ubutaka | 79 | 44,1% |
| Ishyinguranyandiko | 71 | 39,7% |
| Uruzitiro | 56 | 31,3% |
| Inzira z'abafite ubumuga | 55 | 30,7% |
| Abacunga umutekano | 46 | 25,6% |
| Interineti | 45 | 25,1% |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

Mu Ntara y'Iburengerazuba hasuwe imirenge 96; bimwe mu bibazo byagaragaye bikenewe kwitabwaho biri mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 7: Imirenge idafite iby'ibanze byasuzumwe ku byerekeranye n'aho gukorera haboneye mu Ntara y'Iburengerazuba

| ICYASUZUMWE | UMUBARE W'IBIGO | % |
|---|---|---|
| Uruzitiro | 83 | 86,5% |
| Aho abasaba serivisi bategerereza haboneye | 46 | 48% |
| Umuryango w'ingoboka ku magorofa | 67 | 69,8% |
| Amashanyarazi | 38 | 39,6% |
| Kizimyamwoto | 52 | 54,2% |
| Abakozi bahuguriwe gukoresha kizimyamwoto | 81 | 84,4% |
| Ubwishingizi bw'inyubako | 67 | 69,8% |
| Ishyinguranyandiko | 57 | 59,4% |
| Ibyuma bimenyekanisha ko habaye inkongi y'umuriro | 76 | 79,2% |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

Mu Mujyi wa Kigali hagenzuwe imirenge 15, amashuri 162 n'ibigo nderabuzima 28. Bimwe mu bibazo byagaragaye biri mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 8: Ibigo bidafite iby'ibanze byasuzumwe ku bijyanye n'aho gukorera haboneye mu Mujyi wa Kigali

| ICYASUZUMWE | UMUBARE W'IBIGO | % |
|---|---|---|
| Inzira z'abafite ubumuga | 100 | 48,8 |
| Inyubako n'ibiro biboneye | 105 | 51,2 |
| Ibimenyetso ndangahantu | 110 | 53,6 |
| Ubwishingizi bw'inyubako | 90 | 43,9 |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

Mu Ntara y'Amajyaruguru hagenzuwe ibigo nderabuzima 99 ahagagaye ibibazo biri mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 9: Ibigo bidafite iby'ibanze byasuzumwe ku bijyanye n'aho gukorera haboneye mu Ntara y'Amajyaruguru

| ICYASUZUMWE | UMUBARE W'IBIGO |
|---|---|
| Abarinda umutekano | 36/99 |
| Uruzitiro | 30/99 |
| Ibyangombwa by'ubutaka | 45/99 |
| Kizimyamoto | 36/99 |
| Ibimenyetso ndangahantu | 38/99 |
| Ubwishingizi bw'inyubako | 60/99 |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

## Imitangire ya serivisi

Muri iyi nkingi hasuzumwa uburyo abagana urwego bakirwa, amahame n'amabwiriza agenga itangwa rya serivisi, igihe bitwara ngo usaba serivisi ayibone n'uburyo bufasha abaturage kugaragaza uko babona imitangire ya serivsi. Muri uyu mwaka iyi nkingi yakozweho mu Ntara y'Amajyepfo, iy'Iburengerazuba n'Umujyi wa Kigali.

Mu Ntara y'Amajyepfo hagenzuwe ibigo 168, muri byo 105 (62,5%) byagaragaye ko bidafite aho kwakirira ababigana haboneye, 69 (41%) ntibifite inyandiko ikubiyemo ibigenderwaho mu gutanga serivisi (service charter) naho ibigo 97 (57,7%) nta buryo byashyiriyeho ababigana bwo gutanga ibitekerezo n'ibibazo kuri serivisi bahabwa.

Muri iyi Ntara kandi, hagenzuwe ibigo by'amashuri 121 byo mu turere tune ahagaragaye ibibazo biri mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 10: Ibibazo byagaragaye mu bigo by'amashuri ku byerekeranye n'imitangire ya serivisi mu Ntara y'Amajyepfo

| IKIBAZO | KAMONYI | NYANZA | HUYE | MUHANGA | IGITERANYO | % |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Amashuri adafite isomero | 13/55 | 6/10 | 0/23 | 27/33 | 46/121 | 38,0% |
| Amashuri adafite ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze | 53/55 | 9/10 | 0/23 | 33/33 | 95/121 | 78,5% |
| Amashuri adafite icyumba cy'umukobwa | 0/55 | 6/10 | 0/23 | 20/33 | 26/121 | 21,4% |
| Amashuri adafite ibibuga | 10/55 | 7/10 | 4/23 | 20/33 | 41/121 | 33,9% |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

Nk'uko bigaragara, kutagira ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze nicyo kibazo cyagaragaye mu turere twose usibye mu karere ka Huye. Muri aka karere kandi usibye amashuri ane adafite ibibuga, ibindi byagenzuwe birahari naho akarere ka Muhanga, niko kagaragayemo amashuri menshi atujuje ibyagenzuwe mu mitangire ya serivisi.

Mu Ntara y'Iburengerazuba, inkingi y'imitangire ya serivisi yagenzuwe mu bigo 96 hibandwa ku buryo ibyo bigo byakira ababigana. Byagaragaye ko ku bijyanye no kugira inyandiko ikubiyemo ibigenderwaho mu gutanga serivisi (service charter), kuba serivisi zizwi n'abakozi no kuba bamenyekanisha ibisabwa kuri serivisi bihagaze neza kuko biri ku kigero cya 92% kuzamura. Ibyagaragaye bigikeneye kongerwamo imbaraga ni ibijyanye no guhugura abakozi bashinzwe kwakira abagana ibigo kuko byakozwe n'ibigo 72 (75%) ndetse n'ikijyanye no gutanga amakuru (feedback) kuri serivisi zasabwe kuko byagaragaye ko bikorwa n'ibigo 40 (41%) gusa.

Mu Mujyi wa Kigali hagenzuwe ibigo 205, muri byo 60 (29,3%) byagaragaye ko bidafite aho kwakirira ababigana haboneye, 69 (33,6%) ntibifite inyandiko ikubiyemo ibigenderwaho mu gutanga serivisi (service charter) naho 99 (48,3%) nta buryo byashyiriyeho ababigana bwo gutanga ibitekerezo n'ibibazo kuri serivisi bahabwa.

Mu Mujyi wa Kigali kandi, hagenzuwe ibigo by'amashuri 162 hagaragara ibibazo biri mu mbonerahamwe ikurikira:

### Imbonerahamwe ya 11: Ibibazo byagaragaye mu bigo by'amashuri ku byerekeranye n'imitangire ya serivisi mu Mujyi wa Kigali

| IKIBAZO | UMUBARE W'IBIGO | % |
|---|---|---|
| Amashuri adafite isomero | 70 | 43,2 |
| Amashuri adafite amabwiriza y'imicungire ya "Capitation grant" | 42 | 25,9 |
| Amashuri adakora igenzura ry'imyigishirize | 40 | 24,7 |
| Amashuri adafite ibibuga | 60 | 37 |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

## Imicungire y'imari ya Leta

Muri uyu mwaka, iyi nkingi yagenzuwe mu Mujyi wa Kigali, Intara y'Amajyepfo n'Intara y'Amajyaruguru.

Mu Mujyi wa Kigali hagenzuwe ibigo 205, bimwe mu byavuye mu igenzura biragaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 12: Ibibazo byagaragaye mu bigo ku byerekeranye n'imicungire y'imari ya Leta mu Mujyi wa Kigali

| IKIBAZO | UMUBARE W'IBIGO | % |
|---|---|---|
| Kutagira inyandiko inyemezampampvu (Unsupported expenditures) | 95 | 46,3 |
| Kutagira gahunda y'itangwa ry'amasoko | 60 | 29,3 |
| Kutagira raporo z'itangwa ry'amasoko | 80 | 39 |
| Kutagira ibitabo byandikwamo imitungo | 72 | 35,1 |
| Kutagira ibitabo byandikwamo imyenda bifitiye abandi | 68 | 33,2 |
| Kutagira ibitabo byandikwamo ababafitiye imyenda | 78 | 38 |
| Kwishyura hadakaswe imisoro ya RRA | 100 | 48,8 |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

Mu Ntara y'Amajyepfo hagenzuwe ibigo 327, bimwe mu byavuye muri iryo genzura biragaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 13: Ibibazo byagaragaye mu bigo ku byerekeranye n'imicungire y'imari ya Leta ' mu Ntara y'Amajyepfo

| IKIBAZO | UMUBARE W'IBIGO | % |
|---|---|---|
| Kutagira igenamigambi | 75 | 22.9 |
| Kudakora raporo y'imari uko byateganyijwe na MINECOFIN | 176 | 53.8 |
| Kudakora raporo y'ibyinjiye n'ibyasohotse mu bubiko | 92 | 28.1 |
| Kutagira kashe yo kwakira ibikoresho | 164 | 50.2 |
| Kutagira gahunda y'imitangire y'amasoko | 89 | 27.2 |
| Kutagira raporo y'imitangire y'amasoko | 145 | 44.3 |
| Kwishyura hadakaswe imisoro ya RRA | 280 | 85.6 |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

Mu Ntara y'Amajyaruguru hakozwe ubugenzuzi bwibanze ku micungire y'imari ya Leta mu bigo by'amashuri byo mu mirenge 19 mu turere twose tugize intara.

### Imbonerahamwe ya 14: Ibibazo byagaragaye mu bigo by'amashuri ku byerekeranye n'imicungire y'imari ya Leta mu Ntara y'Amajyaruguru

| ICYAGENZUWE | BURERA | GAKENKE | GICUMBI | MUSANZE | RULINDO | TOTAL |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Imyenda amashuri afitiwe | 39.231.087 | 23.811.860 | 143.447.523 | 18.089.957 | 1.400.000 | 225.980.427 |
| Imyenda amashuri arimo | 125.726.993 | 151.701.577 | 264.016.355 | 82.444.086 | 1.581.339 | 625.470.350 |
| Amafaranga adafitiwe ibisobanuro | 725.494 | 18.000 | 5.852.697 | 206.000 | 2.020.707 | 8.822.898 |
| Amafaranga afite ibisobanuro bituzuye | 2.257.861 | 596.885 | 34.614.517 | 10.234.649 | 17.909.158 | 65.613.070 |
| Imisoro itishyuye | 1.562.000 | 115.678 | 155.050 | 0 | 0 | 1.832.728 |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

### Imicungire ya gahunda zigamije kuzamura imibereho y'abaturage

Muri iyi nkingi hagenzuwe gahunda ya Girinka, Ubudehe, VUP n'Ubwisungane mu kwivuza mu Ntara y'Amajyepfo n'Intara y'Iburengerazuba.

Mu Ntara y'Amajyepfo hagenzuwe VUP hibandwa ku nguzanyo zihabwa abatishoboye zo gukora imishinga iciriritse ngo biteze imbere. Iki gikorwa cyakorewe mu turere twa Huye, Ruhango na Muhanga aho igenzura ryibanze ku nguzanyo zatanzwe, izishyuwe ndetse n'izakererewe kwishyurwa guhera mu mwaka wa 2008-2020. Igenzura ryagaragaje ko inguzanyo zatinze kwishyurwa zingana n'amafaranga y' u Rwanda 619.029.926 zihwanye na 77,2% by'inguzanyo zose zatanzwe.

### Imbonerahamwe ya 15: Imicungire y'inguzanyo zatanzwe muri Gahunda ya VUP mu Ntara y'Amajyepfo

| INGUZANYO | INGANO Y'INGUZANYO (FRW) |
|---|---|
| Inguzanyo zatanzwe | 801.958.439 |
| Inguzanyo zishyuwe | 180.590.787 |
| Inguzanyo zakererewe kwishyurwa | 619.029.926 |
| Amafaranga yasanzwe kuri konti za SACCO ataratangwa | 65.726.443 |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

Mu Ntara y'Iburengerazuba hagenzuwe gahunda ya VUP harebwa ku nkunga y'ingoboka, imirimo y'amaboko n'inguzanyo zihabwa abatishoboye ngo bakore imishinga iciriritse biteze imbere.

Ku bijyanye n'inkunga y'ingoboka, byagaragaye ko Intara y'Iburengerazuba yahawe amafaranga angana na 14.612.181.153Frw uhereye mu mwaka wa 2016 kugeza muri 2020. Ibijyanye no kubahiriza amabwiriza agenga imitangire y'aya mafaranga biragaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 16: Uko imirenge yo mu Ntara y'Iburengerazuba yubahirije amabwiriza agenga imitangire y'inkunga y'ingoboka

| AMABWIRIZA | UMUBARE W'IMIRENGE |
|---|---|
| Guhitamo abagenerwabikorwa hakurikijwe urutonde rwatanzwe | 95/96 |
| Urutonde rw'abagenerwabikorwa rwemejwe n'Inama Njyanama y'umurenge | 96/96 |
| Abakozi b'umurenge basura abagenerwabikorwa | 87/96 |
| Urutonde rw'abagenerwabikorwa ruramenyekanishwa (published) | 80/96 |
| Ubujurire bw'abagenerwabikorwa bwitabwaho | 82/96 |
| Abagenerwabikorwa bahuriye ku mishinga | 55/96 |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

Ku birebana n'imirimo y'amaboko, harebwe inkingi zayo ebyiri arizo imirimo y'amaboko yoroheje (expanded public works) n'imirimo y'amaboko isanzwe. Ku mirimo y'amaboko yoroheje, byagaragaye ko uhereye mu mwaka wa 2016 kugeza muri 2020, iyo mirimo yakozwe n'abagenerwabikorwa 120.612 itwara amafaranga angana na 13.028.400.752 frw. Ku rundi ruhande, hagenzuwe ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga muri gahunda y'imirimo isanzwe ya VUP bigaragara ko imishinga yatangijwe guhera muri 2016 ari 248 kuri 259 yari yateganyijwe kurangira muri 2020. Imishinga 207 niyo yashyizwe mu bikorwa irarangira mu gihe 41 itararangiye.

Ku birebana n'imishinga iciriritse, mu Ntara y'Iburengerazuba hagenzuwe inguzanyo zihabwa abatishoboye muri gahunda yo kwikura mu bukene. Ibyavuye mu igenzura biri mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 17: Imicungire y'inguzanyo zagenewe imishinga iciriritse mu Ntara y'Iburengerazuba

| AKARERE | INGUZANYO ZATANZWE | INGUZANYO ZISHYUWE | INGUZANYO ZAKERERERWE KWISHYURWA | AMAFARANGA YASANZWE KURI KONTI ZA SACCO ATARATANGWA |
|---|---|---|---|---|
| Karongi | 1.836.823.272 | 1.246.819.286 | 287.712.270 | 134.563.595 |
| Ngororero | 1.892.638.240 | 1341576282 | 328516872 | 140.443.503 |
| Nyabihu | 1.493.786.343 | 1.211.064.164 | 293.587.477 | 132.200.176 |
| Nyamasheke | 2.978.583.657 | 2.257.635.988 | 384.863.574 | 243.257.815 |
| Rubavu | 1.654.563.539 | 1.246.506.863 | 276.529.469 | 43.493.625 |
| Rusizi | 1.420.550.163 | 770.054.206 | 300.975.955 | 130.615.273 |
| Rutsiro | 1.901.983.741 | 1.133.561.964 | 409.192.383 | 92.439.388 |
| **Total** | **13.178.928.955** | **9.207.218.753** | **2.281.378.000** | **917.013.375** |

Aho byavuye: Raporo ya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho 2020-2021

Muri rusange muri uyu mwaka wa 2020-2021 ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho ryagenze neza. Icyakora Intara y'Iburasirazuba ntiyatanze raporo nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho

### 1.4.4. Guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF)

Hagamijwe kuzamura uruhare rwa JADF mu iterambere ry'Igihugu, RGB ifatanyije n'abagize Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu Iterambere yateguye inama ziteganywa n'itegeko. Hakozwe inama nyunguranabitekerezo imwe ku rwego rw'Igihugu, hakorwa inama imwe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse n'inama enye mpuzabikorwa z'igihembwe nk'uko byari biteganyijwe. Izi nama ziba zigamije gukurikirana no guhuriza hamwe ibikorwa bya JADF no kujya inama ku cyarushaho guteza imbere uruhare rwa JADF mu iterambere rirambye.

Mu rwego rwo kureba uruhare rwa JADF mu iterambere ry'Igihugu, RGB yakoze igikorwa cyo kugenzura imikorere ya JADF, kureba niba ibikorwa byakozwe n'abafatanyabikora bihura n'ibyateganyijwe bemeranyije n'uturere. Iki gikorwa kandi cyakozwe mu rwego rwo kubika amakuru ku bikorwa ntangarugero bya JADF (good practices) kugira ngo abandi babyigireho mu kunoza imikorere no kwihutisha iterambere.

Zimwe mu ngero z'ibikorwa by'intangarugero byagaragaye ni ikoreshwa ry'ikarita nsuzumamikorere (community scorecard) ituma abaturage barushaho kugira uruhare mu bibakorerwa mu turere twa Gakenke, Gatsibo na Musanze. Ahandi hagaragaye igikorwa cy'intangarugero ni ishyirwaho ry'isanduku y'ingoboka aho abagize JADF bashyiramo amafaranga yo kunganira ibikorwa bya JADF nko mu turere twa Nyarugenge na Bugesera. Mu Karere ka Nyanza naho hagaragaye igikorwa cy'intangarugero aho abafatanyabikorwa ba JADF bashyizeho gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho hagati yabo.

Bimwe mu byagaragaye byagezweho n'abafatanyabikorwa bibumbiye muri JADF harimo kugeza amazi meza ku baturage bagera ku 93.104; kubaka amarerero yujuje ibisabwa mu turere twose ndetse no kuzamura uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa. Byagaragaye kandi ko JADF igira uruhare rufatika mu ngengo y'imari y'uturere.

Nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe, uturere twashyikirije RGB raporo z'ibikorwa bya JADF. Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibikwiye kunozwa nk'uko byagaragajwe na raporo zitandukanye zavuye mu turere.

Imbonerahamwe ya 18: Ibibazo bigaragara mu mikorere ya JADF n'ingamba zikwiye gufatwa

| N° | IKIBAZO | INGAMBA | UZAZIKORA |
|---|---|---|---|
| 1 | Igenamigambi rihuriweho ritanoze hagati y'uturere na bamwe mu bafa-tanyabikorwa | Kongera imbaraga mu gukora igenamigambi rihuriweho mu rwego rwo kwita ku bibazo bibangamiye iterambere ry'abaturage | Uturere JADF |
| 2 | Uburyo butanoze bwo kubika amakuru no gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa | Gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kubika amakuru no gukurikirana ibikorwa bya JADF | Uturere JADF |
| 3 | Ingengo y'imari idahagije mu turere yo gukurikirana ibikorwa bya JADF | Kongera ingengo y'imari igenewe gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa ba JADF | Uturere |
| 4 | Kutagira komite mpuzabikorwa ya JADF ku rwego rw'Umujyi wa Kigali | Gushyiraho komite ya JADF ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, igafasha guhuza ibikorwa bya JADF mu turere tuwugize | Umujyi wa Kigali |

## 1.5. IMITWE YA POLITIKE, IMIRYANGO ITARI IYA LETA N'IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE.

Muri rusange hamaze kwandikwa imiryango nyarwanda itari iya leta 2086 , imiryango ishingiye ku myemerere 795, imiryango mvamahanga itari iya Leta 195 n'imitwe ya politiki 11.

### 1.5.1. Kwandika no gukurikirana Imiryango nyarwanda itari iya Leta

RGB yahaye ubuzimagatozi Imiryango nyarwanda itari iya Leta 112 inakira ubusabe bw'indi 765 yifuza gutangira ibikorwa. Nyuma yo gusuzuma ubwo busabe, imiryango 205 yahawe icyangombwa cy'iyandikwa cy'agateganyo naho 560 isigaye isabwa kuzuza ibibura mu busabe bwayo.

RGB yanditse Imiryango mvamahanga itari iya Leta mishya 16 inongerera igihe cyo gukorera mu Rwanda indi 166 isanzwe yanditse. Imiryango 13 isanzwe ifite ibyangombwa biyemerera gukorera mu Rwanda mu gihe kirenze umwaka yashyikirije RGB ibisabwa nk'uko biteganywa n'amategeko.

RGB yagenzuye imiryango nyarwanda itari iya Leta 136, muriyo, 107 yari isanganywe icyangombwa cy'agateganyo hagenzurwa ko yubahirije amategeko kugira ngo ihabwe ubuzimagatozi. Ku birebana n'imiryango mvamahanga hagenzuwe imiryango 70 harebwa ko yubahiriza amategeko n'imikorere.

Raporo zatanzwe n'Imiryango mvamahanga itari iya Leta 195 zagaragaje ko iyi miryango yakoresheje ingengo y'imari ingana n'amadorali y'Amerika 183.183.609 mu mishinga itandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe ya 19:Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango mvamahanga

| N° | ICYICIRO | UMUBARE W'IMIRYANGO | INGENGO Y'IMARI/ USD |
|---|---|---|---|
| 1 | Uburezi | 51 | 36.822.577 |
| 2 | Ubuzima, isuku n'isukura | 33 | 47.568.822 |
| 3 | Ubuhinzi n'ubworozi | 25 | 28.406.683 |
| 4 | Imibereho myiza | 28 | 17.795.756 |
| 5 | Iterambere ry'umuryango n'uburenganzira bw'abana | 22 | 12.900.600 |
| 6 | Uburinganire n'iterambere ry'umugore | 16 | 3.698.501 |
| 7 | Kubungabunga ibidukikije na pariki | 8 | 2.161.870 |
| 8 | Imicungire y'ibiza n'impunzi | 9 | 12.757.049 |
| 9 | Iterambere ry'ubukungu n'ishoramari | 8 | 1.119.251 |
| 10 | Guteza imbere imiyoborere n'itangazamakuru | 6 | 329.523 |
| 11 | Amazi | 5 | 5.816.563 |
| 12 | Urubyiruko | 6 | 3.804.736 |
| 13 | Guteza imbere ubucuruzi buciriritse n'ubwambukiranya imipaka | 10 | 7.165.455 |
| 14 | Ubutabera | 2 | 203.114 |
| 15 | Ingufu zisubira, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'umutungo kamere | 2 | 467.300 |
| 16 | Guteza imbere siporo n'umuco | 2 | 402.629 |
| 17 | Guteza imbere ibikorwaremezo | 4 | 1.220.889 |
| 18 | Ikoranabuhanga | 2 | 542.291 |
| **Igiteranyo** | | | **183.183.609** |

### 1.5.2. Kwandika no gukurikirana Imiryango ishingiye ku myemerere

RGB yakiriye ubusabe bw'Imiryango ishingiye ku myemerere 243 isaba kwandikwa. Muriyo 24 (amatorero n'amadini icyenda, minisiteriya 10 na minisiteriya zidafite imiryango zishamikiyeho eshanu) niyo yujuje ibisabwa ihabwa ubuzimagatozi

Imiryango ishingiye ku myemerere 312 yashyikirije RGB inyandiko zisaba guhuza imikorere yayo n'itegeko riyigenga (compliance). Muriyo, 53 (amadini n'amatorero 35 , minisiteriya 11 , ministeriya zidafite imiryango zishamikiyeho zirindwi) yahawe icyangombwa cyo guhuza n'itegeko (certificate of compliance).

RGB yagenzuye imiryango inshingiye ku myemerere 60 hibandwa ku mikorere y'inzego n'ibikorwa byayo n'iyubahirizwa ry'amabwiriza yo kwirinda COVID-19.



Ibikorwa bigaragaza ishyirwa mu bikorrwa ry'amabwiriza yo kwirinda COVID-19 ku nsengero zitandukanye

### 1.5.3. Gukurikirana imikorere y'Imitwe ya politiki

Hagenzuwe raporo y'umutungo w'imitwe ya politiki 4 ariyo; Ishyaka Riharanira Demokarasi n'Imibereho Myiza y'Abaturage (PSD), Ishyaka Ntangarugero muri Demokarasi (PDI), Ishyaka Riharanira Demokarasi Ihuza Abanyarwanda (PDC) n'Ishyaka ry'Imberakuri Riharanira Imibereho Myiza (PS-Imberakuri). Muri rusange, imitwe ya politiki yubahiriza amategeko ayigenga mu mikorere yayo.

### 1.5.4. Imiryango yagaragayemo ibibazo n'ibyemezo yafatiwe

Nyuma y'igenzura ryakorewe Imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere hari iyagarayemo ibibazo. RGB yabikoreye ubusesenguzi ifatanyije n'inzego bireba hafatwa ibyemezo bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe ya 20: Imiryango yagaragayemo ibibazo n'ibyemezo yafatiwe

| Nº | UMURYANGO | ICYICIRO CY'UMURYANGO | IMITERERE Y'IKIBAZO | ICYEMEZO CYAFASHWE |
|---|---|---|---|---|
| 1 | ADEPR | Umuryango ushingiye ku myemerere | Uyu muryango waranzwe n'ibibazo mu miyoborere no mu micungire y'umutungo byabyaye amakimbirane y'urudaca mu nzego z'ubuyobozi bwawo. | Nyuma y'isesengura ry'ibibazo byari muri uyu muryango, RGB yakuyeho Komite Nyobozi n'Izindi Nzego ishyiraho Komite Nyobozi y'Inzibacyuho y'umwaka umwe ihabwa inshingano zikurikira:<br>• Kuvugurura imiyoborere, amategeko, inzego z'imiyoborere n'inzego z'imirimo ndetse n'imikorere n'imikoranire muri ADEPR;<br>• Gushyiraho uburyo buhamye kandi butanga umuti urambye wo kubaka ADEPR;<br>• Gukoresha igenzura (audit) ry'imikorere, abakozi n'umutungo bya ADEPR kugira ngo bifashe muri ayo mavugurura;<br>• Kwemeza no gushyira mu bikorwa amavugura muri ADEPR. |
| 2 | Association Rayon Sports | Umuryango nyarwanda utari uwa Leta | Uyu muryango waranzwe n'ibibazo mu miyoborere no mu micungire y'umutungo biteza amakimbirane y'urudaca mu banyamuryango bawo. | Nyuma y'isesengura ry'ibibazo byari muri uyu muryango, RGB yakuyeho Komite Nyobozi n'Izindi Nzego ishyiraho Komite Nyobozi y'Inzibacyuho y'ukwezi kumwe ihabwa inshingano zikurikira:<br>• Kunoza amategeko y'umuryango no kuyahuza n'itegeko rigenga imiryango Nyarwanda itari iya Leta;<br>• Gushyiraho inzego z'umuryango ziteganywa n'amategeko;<br>• Gukurikirana umunsi ku wundi ibikorwa bya Rayon Sports football club;<br>• Gutegura imbonerahamwe ngengamikorere y'umuryango n'ibikorwa byawo;<br>• Gushyiraho uburyo buboneye bwo gukurikirana imikoreshereze y'umutungo w'umuryango;<br>• Gucunga umutungo w'umuryango mu gihe cy'inzibacyuho. |
| 3 | African Bless-ings | Umuryango nyarwanda utari uwa Leta | Uyu muryango wari ufite icyangombwa cy'agateganyo cyarangiranye n'umwaka wa 2014 hanyuma ukora icyangombwa cy'ubuzimagatozi cy'igihimbano unakifashisha mu gushaka abaterankunga. | Nyuma y'igenzura, RGB yashyikirije dosiye Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB) kugira ngo rubikurikirane. |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 4 | Global Epileptic Connection (GECO) | Umuryango Nyarwanda utari uwa Leta | Uyu muryango wavutsemo ukutumvikana hagati ya Komite Nyobozi n'Umuyobozi Nshingwabikorwa bishingiye ku micungire y'umutungo n'imiyoborere. | RGB yasesenguye imiterere y'ikibazo ishingiye kukumva impande zombi nyuma itanga inama zafashije umuryango gukemura ibibazo hashingiwe ku mategeko. |
| 5 | National Organization of Users and Survivors of Psychiatry (NOUS-PR-UBUMUNTU) | Umuryango Nyarwanda utari uwa Leta | Uyu muryango waranzwemo amakimbirane mu banyamuryango, inyerezwa ry'umutungo, gukoresha inyandiko mpimbano n'imiyoborere mibi. | RGB yakoze isesengura ry'ibibazo byari muri uyu muryago itanga inama ku buryo bwo gukemura ibibazo byerekeye imiyoborere ibindi abanyamauryango babishyikiriza inkinko. Uwahoze ayobora uyu muryango yakatiwe n'inkiko nyuma yo guhamwa n'ibyaha yaregwaga. |
| 6 | Rwanda Badminton Federation | Umuryango Nyarwanda utari uwa Leta | Uyu muryango wakoreshaga icyangombwa cy'igihimbano kuko utari wanditse muri RGB | Ikibazo cyashyikirijwe Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaga RIB. |
| 7 | Campus Pour Christ Rwanda | Umuryango ushingiye ku myemerere | Uyu muryango wagiranye ibibazo n'umuterankunga wawo bishingiye ku mikoreshereze y'inkunga, kudatanga raporo ku muterankunga n'imikorere mibi y'inzego zawo. | Nyuma yo gusesengura ikibazo, RGB yasabye Umuryango Campus Pour Christ Rwanda kubahiriza ibikubiye mu masezezerano yagiranye n'umuterankunga no kunoza imikorere y'inzego. |
| 8 | Amicale des Volontaires pour le Developpement de l'education et de la Culture (AVDEC) | Umuryango Nyarwanda utari uwa Leta. | Uyu muryango wabayemo amakimbirane ashingiye ku kutumvikana ku mikoreshereze y'umutungo n'imiyoborere byateje kutumvikana hagati ya bamwe mu banyamuryango n'uwuhagarariye mu mategeko | RGB yasesenguye ibibazo byagaragajwe n'abanyamuryango isanga bifite ishingiro isaba uwuhagarariye mu mategeko kubitangaho ibisobanuro. Ikibazo kiracyakurikiranwa. |

Aho byavuye: RGB monitoring Report 2020-2021

### 1.5.5. Kubaka ubushobozi bw'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere

Ku bufatanye na UNDP, RGB yatanze inkunga y'amafaranga y'u Rwanda 883.471.724 ku miryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 35, mu rwego rwo kuyubakira ubushobozi no gushyira mu bikorwa imishinga itandukanye iteza imbere abaturage.

Imbonerahamwe ya 21: Inkunga yatanzwe ku miryango itari iya leta mu byiciro bitandukanye

| N° | ICYICIRO | UMUBARE W'IMIRYANGO YATEWE INKUNGA | AMAFARANGA YATANZWE (FRW) |
|---|---|---|---|
| 1 | Uburezi | 1 | 33.471.724 |
| 2 | Ubuzima, isuku n'isukura | 4 | 100.000.000 |
| 3 | Ubuhinzi n'ubworozi | 3 | 75.000.000 |
| 4 | Imibereho myiza | 4 | 100.000.000 |
| 5 | Iterambere ry'umuryango n'uburenganzira bw'abana | 12 | 300.000.000 |
| 6 | Uburinganire n'iterambere ry'umugore | 10 | 250.000.000 |
| 7 | Kubungabunga ibidukikije na pariki | 1 | 25.000.000 |
| 8 | Imicungire y'ibiza n'impunzi | 9 | 12.757.049 |
| **Igiteranyo** | | **35** | **883.471.724** |

Aho byavuye: Raporo y'ibikorwa 2020-2021

Uretse inkunga y'amafaranga yatanzwe, hahuguwe abantu 169 (abagore 72 n'abagabo 97) barimo abayobozi b'imiryango, abayobora imishinga n'abacungamutungo. Amahugurwa yibanze ku bijyanye n'icungamutungo, imicungire y'imishinga no gukora raporo z'ibikorwa, gukora no kwandika imishinga myiza yaterwa inkunga, gushaka umutungo, kwimakaza ihame ry'uburinganire no gukora ikurikirana bikorwa rinoze.

Ibikorwa byo kubaka ubushobozi bw'iyi miryango byatanze umusaruro mu buryo butandukanye haba ku miryango ubwayo ndetse no ku bagenerwabikorwa bayo.

#### Umusaruro ku miryango ubwayo:

Amahugurwa yafashije abafatanyabikorwa kunoza imicungire y'umutungo na raporo bijyanye kuko mbere yayo, hafi ya 50% by'abafatanyabikorwa batangaga raporo zitanoze.

#### Umusaruro ku bagenerwabikorwa

Imiryango yahawe amafaranga yakoze ibikorwa bitandukanye byazanye impinduka mu mibereho y'abagenerwabikorwa nk'uko bigagara mu mbonerahamwe ikurikira.

## Imbonerahamwe ya 22: Ingero z'umusaruro wavuye ku nkunga yahawe sosiyete sivili 2020-2021

| | ICYICIRO |
|---|---|
| Amatungo yahawe imiryango ikennye | Imiryango 1395 ibarizwa mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri cy'ubudehe yahawe amatungo 3621 arimo inkoko 3026, ingurube 388 n'ihene 207 kugira ngo abafashe kuzamura imibereho yabo.  |
| Amahugurwa yo kwihangira umurimo ku rubyiruko | Urubyiruko rugera kuri 327 rurimo abakobwa 227 babyariye iwabo bize imyuga itandukanye irimo kukoda, gutunganya imisatsi, gukora ubukorikori no kudoda inkweto. Banahawe ibkoresho bizafasha kwihangira umurimo kugira ngo biteze imbere n'imiryango yabo.  |
| Abahinzi barenga 1000 bafashijwe kubona imbuto nziza no guhinga bahingira isoko | Abahinzi bo mu karere ka Muhanga mu mirenge ya Rugendabali na Muhanga bahawe imbuto zirimo: insina zigera kuri 10.204, imbuto z'inyanya 30.315, inanasi 30.000, avoka 8.484, amatunda 5.000, amapapayi 23.158, toni y'imbuto y'ibishyimbo, toni y'imbuto ya Soya, byose byahinzwe ku buso burenga hegitari 20.  Abafite ubumuga bagera kuri 70 (abagore 60, abagabo 10) basabirizaga mu Mujyi wa Kigali bibumbiye mu itsinda Tuzamurane bafashijwe guhinga ibihumyo, umusaruro ugurishwa ku isoko bityo bakiteza imbere. Ubu bavuye mu gusabiriza ndetse itsinda ryashoboye kubika 1.230.000Frw yavuye mu buhinzi bw'ibihumyo. |

Aho byavuye: Raporo y'ibikorwa 2020-2021

| | |
|---|---|
| |   |
| Ubumwe bw'umuryango nyarwanda bwatejwe imbere. | Abangavu bagera kuri 517 bo mu karere ka Kayonza bashoboye kongera kwiyunga n'imiryango yabo binyujijwe mu mushinga "Masenge mba hafi   |
| Abana basubijwe mu ishuli. | Abana bagera kuri 78 biganjemo ababyawe n'abangavu basubijwe mu ishuli nyuma yo guhabwa ibikoresho n'umwambaro w'ishuli.  |
| Gutanga ibikoresho byo kuhira imyaka. | Abahinzi bibumbiye muri koperative 4 zikorera mu murenge wa Ngeruka bafashijwe kubona imashini 4 zizamura amazi hakoreshejwe imirasire y'izuba, ndetse banafashwa kubona uko babika amazi muri dam sheets ku buryo bashobora kuhira hegitari zirenze 10 bakanahinga no mu gihe cy'izuba.    |
| Amashyiga ya rondereza mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije. | Ingo zigera kuri 4250 harimo 4000 zo mu karere ka Rusizi na 250 zo mu karere ka Nyaruguru zahawe amashyiga ya rondereza mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije. |

# 1.6. URWEGO RW'ITANGAZAMAKURU

## 1.6.1. Uko urwego rw'Itangazamakuru ruhagaze

Ibitangazamakuru bikorera mu Rwanda bigizwe na radiyo, televiziyo, ibitangazamakuru bisohoka ku mpapuro n'ibikorera kuri interineti.

### Imbonerahamwe ya 23: Ibitangazamakuru bikorera mu Rwanda

| UBWOKO BW'IGITANGAZAMAKURU | UMUBARE |
|---|---|
| Radiyo | 39 |
| Televiziyo | 20 |
| Ibinyamakuru bisohoka ku mpapuro | 8 |
| Ibinyamakuru bikorera kuri murandasi (online media) | 24 |

Aho byavuye: RURA, Mutarama 2021

Ugereranyije n'umubare wa Radio wagaragajwe muri Raporo ya 2019-2020, hiyongereyeho Radiyo ebyiri Vision FM ikorera mu Karere ka Rusizi na Isano FM Radio ikorera mu karere ka Rubavu. Ku mubare wa Televiziyo hiyongereyeho Pacis TV ya Kiliziya Gatulika. Umubare w'ibitangazamakuru bisohoka ku mpapuro wavuye kuri 12 ugera ku munani (8) bitewe n'ibibazo byugarije ibitangazamakuru bisohoka ku mpapuro. Naho ku binyamakuru bikorera kuri murandasi, ibikora bisaga 100 ariko ibyiyandikishije muri RURA nk'ibitangazamakuru ni 24 gusa.

Ku birebana n'ishyirwaho ry'ibikorwaremezo bifasha Abanyarwanda kubona amakuru, hirya no hino hashyizweho iminara ituma Radiyo Rwanda n'amaradiyo ayishamikiyeho yumvikana mu gihugu ku kigero cya 98%. Kuri ubu buri Ntara yo mu Rwanda ikorerwamo na radiyo nibura ebyiri nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

| INTARA | RADIO ZIHAKORERA |
|---|---|
| Intara y'Amajyepfo | Radiyo Huye (RBA) |
| | Radiyo Huguka |
| | Radiyo Salus |
| Intara y'Iburasirasuba | Radiyo Nyagatare (RBA) |
| | Radiyo Izuba |
| Intara y'Amajyaruguru | Radiyo Musanze (RBA) |
| | Energy Radio |
| | Radiyo Ishingiro |
| Intara y'Iburengerazuba | Radiyo Rusizi (RBA) |
| | Radiyo Rubavu (RBA) |
| | Vision FM |
| | Isano FM Radio |

Televiziyo y'U Rwanda n'izindi Televiziyo zikoresha iminara ya RBA zigera ku buso bw'igihugu bungana nibura na 80%. Mu Rwanda hari ibigo bine bicuruza ifatabuguzi rya televiziyo: Star Africa Media Ltd, Tele 10 Group Ltd, Canal+ na Azam Media Ltd.

Ku birebana no kongera ubumenyi bw'abakora umwuga w'itangazamakuru hari amashuri makuru ane (4) yigisha itangazamakuru n'itumanaho: ishami ry'itangazamakuru n'itumanaho rya Kaminuza y'u Rwanda, ishami ry'itangazamakuru n'itumanaho ryo muri Kaminuza Gatulika ya Kabgayi, ishami ry'itangazamakuru n'itumanaho ryo muri Mount Kenya University-Rwanda n'ishami ry'itangazamakuru n'itumanaho ryo muri Kaminuza ya Kigali.

Kugera muri Kamena 2021, abanyamakuru bari bafite ikarita y'umwuga itangwa n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura ni 853 muri bo 24,26% ni abagore naho 75,74 % ni abagabo.

### 1.6.2. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru

RGB yateye inkunga y'amafaranga y'u Rwanda angana na 283.636.634 imishanga n'ibikorwa by'ibitangazamakuru 13 n'amashyirahamwe abiri y'abanyamakuru. Amafaranga yahawe Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abanyamakuru (ARJ) n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura (RMC) hagamijwe kubongerera ubushobozi kugira ngo babashe gusohoza inshingano zabo. Inkunga yahawe ibitangazamakuru yatanzwe binyuze mu ipiganwa ry'imishinga hagamijwe kubifasha guhangana n'ingaruka z'Icyorezo cya COVID-19 ndetse no kuzamura uruhare rw'itangazamakuru mu kurwanya iki cyorezo.

### 1.6.3. Kwimakaza ubunyamwuga mu rwego rw'itangazamakuru

Ku bufatanye n'Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abanyamakuru (ARJ), n'Abafatanyabikorwa batandukanye hatanzwe ibihembo ku bitangazamakuru n'abanyamakuru babaye indashyikirwa mu mwaka wa 2020-2021. Ibi bihembo bitangwa muri gahunda ngarukamwaka izwi nka Development Journalism Awards (DJA).

Muri uyu mwaka iri piganwa ryitabiriwe n'abanyamakuru 227. Muri rusange hatanzwe ibihembo 27 bifite agaciro ka miliyoni 20 z'amafaranga y'u Rwanda, bikubiyemo amafaranga n'ibikombe.







Abanyamakuru bashyikirizwa ibihembo batsindiye

Iki gikorwa cyanagizwemo uruhare n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye banatanze ibihembo mu byiciro bitandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 24: Inzego n'imiryango bashyigikiye itegurwa rya DJA

| N° | UMUFATANYABIKORWA | ICYICIRO CY'INKURU ZAHEMBWE |
|---|---|---|
| 1 | Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge | Inkuru iteza imbere ubumwe n'ubwiyunge |
| 2 | Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe ingufu (REG) | Inkuru ivuga ku ikoreshwa ry'ingufu z'amashanyarazi |
| 3 | Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC) | Inkuru ivuga ku ikoreshwa ry'amazi, isuku n'isukura (WASAC) |
| 4 | Plan International Rwanda | Inkuru zirengera uburenganzira bw'umwana w'umukobwa |
| 5 | Komisiyo y'Igihugu ya UNESCO | Ikiganiro cya radiyo cyahize ibindi |
| 6 | Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali (RALGA) | Inkuru nziza ivuga ku bikorwa by'inzego z'ibanze<br><br>Inkuru icukumbuye yakozwe n'ikinyamakuru cyandika cyangwa icyo kuri Murandasi |
| 7 | Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) | Guteza imbere ikoranabuhanga |
| 8 | Ambassade y'Ubwami bw'Ubuholandi mu Rwanda | Inkuru icukumbuye itahura amakuru yarahishe<br><br>Ifoto y'Umwaka |
| 9 | SFH Rwanda | Guteza imbere ubuzima |
| 10 | Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB) | Inkuru icukumbuye yahize izindi yatambutse kuri Radio |

Aho byavuye: RGB monitoring Report 2020-2021

### 1.6.4. Ubushakashatsi ku bipimo by'itangazamakuru mu Rwanda (Rwanda Media Barometer Barometer 2021 )

Buri myaka ibiri RGB ikora ubushakashatsi bugaragaza ibimo by'uko itangazamakuru rihagaze mu Rwanda. Mu mwaka wa 2020-2021, RGB yakoze ubu bushakashatsi ku nshuro ya kane. Incamake y'ibyavuye muri ubu bushakashatsi bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 25: Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi ku bipimo by' itangazamakuru mu Rwanda

| N°z | IBIPIMO | AMANOTA |
|---|---|---|
| 1 | Amategeko na Politiki byorohereza imikorere y'itangazamakuru (Legal and Policy Framework) | 91% |
| 2 | Urunyurane rw'ibitangazamakuru bifite imirongo ngenderwaho itandukanye (Media plurality and diversity) | 87,3% |
| 3 | Uruhare rw'itangazamakuru mu miyoborere myiza na Demokarasi (Media as a Platform for Strengthening Governance and Democracy) | 85.0% |
| 4 | Ubushobozi n'ubunyamwuga bw'itangazamakuru (Media Development and Professional Capacity) | 62,4% |
| 5 | Uburyo bwo kubona amakuru ( Access to information) | 77,8% |
| **Impuzandengo rusange** | | **80,6 %** |

Aho byavuye: RMB 2021

Iyi mbonerahamwe igaragaza ko igipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru kiri kuri 80,6%, kikaba cyarazamutse kivuye kuri 72,4% muri 2018. Igipimo cy'Ishyirwaho ry'Amategeko na Politiki byorohereza imikorere y'itangazamakuru nicyo cyaje imbere kuri 91% mu gihe Ubushobozi n'ubunyamuwga bw'Itangazamakuru aricyo cyaje inyuma kuri 62,4%.

Mu bibazo RMB 2021 yagaragaje bikwiye kwitabwaho by'umwihariko harimo ikibazo cya ruswa mu bakora umwuga w'itangazamakuru, amikoro adahagije y'ibitangazamakuru n'abanyamakuru, ubunyamwuga buke mu banyamakuru bamwe na bamwe ndetse n'mubare w'abanyamakuru b'igitsina gore ukiri hasi.

### 1.6.5. Kongera ubushobozi bw'abanyamakuru

RGB yahawe inshingano zavuye mu cyahoze ari Inama Nkuru y'Itangazamakuru (MHC) zijyanye no kongerera ubushobozi abanyamakuru binyuze mu mahugurwa atandukanye. Ni muri urwo rwego, ku bufatanye n'Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Abanyamakuru (Association Rwandaise des Journalistes) hateguwe amahugurwa y'abanyamakuru 90 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe ya 26: Abanyamakuru bahuguwe n'ibyo bahuguwemo

| N° | Amahugurwa | UMUBARE W'ABAYITABIRIYE |
|---|---|---|
| 1 | Gutegura no kuyobora ibiganiro bya radiyo na televiziyo (Preparing and animating a Talk show) | 9 |
| 2 | Imicungire y'imbuga za interineti (Website Management) | 14 |
| 3 | Gufotora bya kinyamwuga (Photojournalism) | 16 |
| 4 | Gukoresha telefone igendanwa mu gutara, gutunganya no gutangaza inkuru (Mobile Journalism) | 16 |
| 5 | Iyubahirizwa ry'Amahame Agenga Umwuga w'Itangazamakuru (Code of Ethics compliance) | 15 |
| 6 | Amahugurwa y'abanyamakuru b'abagore ku bijyanye no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu mwuga w'itangazamakuru (Workshop on sexual harassment) | 20 |

Aho byavuye: RMB 2021

### 1.6.6. Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru

Muri uyu mwaka, RGB yakoze ubukangurambaga ku Itegeko ryerekeye kubona amakuru. Ubu bukangurambaga bwakorewe mu turere 21 hifashishijwe ibiganiro byatambutse mu bitangazamakuru bitandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe ya 27: Ibiganiro ku itegeko ryerekeye kubona amakuru

| N° | Igitangazamakuru ikiganiro cyatambutseho | ITARIKI CYATAMBUKIYE |
|---|---|---|
| 1 | RBA (Radiyo Rwanda and RTV) | 07/11/2020 |
| 2 | Isango star Radio and TV | 08/11/2020 |
| 3 | Flash Radio | 09/11/2020 |
| 4 | Huguka Community Radio | 22/12/2020 |
| 5 | Isangano Community Radio | 23/12/2020 |
| 6 | Izuba TV and Radio | 14/04/2021 |
| 7 | Radiyo Musanze | 16/04/2021 |

Aho byavuye: RMB 2021

### 1.6.7. Kwizihiza umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru

U Rwanda rwizihije Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru uba ku wa 7 Ugushyingo buri mwaka. Uyu munsi wizihijwe binyuze mu biganiro byatambutse mu bitangazamakuru 13 bikurikira: Televiziyo y' U Rwanda, Isango Star TV, Radiyo Rwanda, Radiyo Isango Star, voice of Africa, Radiyo Isangano, Radiyo Huguka, Fine FM, Radiyo Inkoramutima, Radiyo Ishingiro, Radiyo Izuba, Authentic Radio na Energy Radio.

Ibiganiro byibanze ku ruhare rw'itangazamakuru mu kurwanya icyorezo cya COVID-19, amasomo ryakuye ku ngaruka zatejwe n'iki cyorezo n'uburyo yakubakirwaho mu gukora kinyamwuga.

## 1.7. IBIGANIRO N'UBUVUGIZI KU MIYOBORERE (POLICY ADVOCACY AND STRATEGIC ENGAGEMENTS)

RGB yakoze ibiganiro n'abafatanyabikorwa mu byiciro binyuranye birimo: inzego za Leta, imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, imiryango mpuzahanga ndetse n'ibiganiro byatanzwe hifashishijwe itangazamakuru ku nsanganyamatsiko zinyuranye. Ibi biganiro bikorwa mu rwego rw'ubuvugizi, guhanahana ubumenyi, gusangira amakuru y'ibyavuye mu bushahashatsi ndetse no kuri gahunda zinyuranye mu rwego rwo guteza imbere imiyoborere myiza mu Rwanda.

### 1.7.1. Ibiganiro bitandukanye n'abafatanyabikorwa mu iterambere

RGB yagiranye ibiganiro n'abafatanyabikorwa mu iterambere bimbumbiye muri JADF ku rwego rw'igihugu ndetse no ku rwego rw'Intara  zose n'Umujyi wa Kigali hagamijwe kunoza imikorere y'abafatanyabikorwa mu iterambere n'imikoranire yabo n'uturere kugira ngo barusheho gutanga umusaruro ufatika mu iterambere ry'Igihugu. Ikindi cyaganiriwe ni rw'abafatanyabikorwa mu guhangana n'ingaruka zatewe n'icyorezo cya COVID-19.  Ibi biganiro byitabiriwe n'abayobozi mu nzego za Leta barimo Abayobozi bakuru muri za Minisiteri,  Abayobozi b'Intara n'Umujyi wa Kigali, abayobozi mu nzego zegerejwe abaturage, abahagarariye inzego z'abikorera, abahagarariye imiryango nyarwanda n'imiryango mvamahanga itari iya Leta ikorera mu turere, abahagariye amadini n'amatorero, n'abahagariye inzego za Leta bakorera mu Karere bimbumbiye muri JADF.

Abitabiriye ibi biganiro kandi bagaragarijwe ahakiri intege nke n'imikorere itanoze mu miyoborere n'imitangire ya serivisi nk'uko byagaragajwe n'abaturage binyuze muri CRC 2020 kugira ngo bafate ingamba zo kunoza imikorere.




Umunyamabanga Mukuru wa RGB KALISA Edward atanga ikiganiro ku bafatanyabikorwa mu iterambere

### 1.7.2. Gutangaza igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda (Rwanda Governance Scorecard)

RGB yatangaje ku mugaragaro ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda ku nshuro ya 7 (RGS 7th Edition) ku wa 11 Ukuboza 2020. Iki igkorwa cyitabiriwe n'Abayobozi mu nzego za Leta zitandukanye, abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda, abashakashatsi n'impuguke mu miyoborere n'iterambere. Abitabiriye ibi biganiro bagaragarijwe uko ibipimo by'imiyoborere mu Rwanda bihagaze banungurana ibitekerezo ku ngamba zikwiye gufatwa kugira ngo ibipimo bikiri hasi bishobore kuzamuka.




Mme UWIZEYE Judith, Minisitiri muri Perezidansi,




Dr KAITESI Usta, Umukuru w' Urwego rwa RGB




Abafatanyabikorwa batandukanye bitabiriye ibirori byo kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwa RGS ya 7

### 1.7.3. Ibiganiro n'imitwe ya Politiki

Ku bufatanye n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, RGB yagiranye ibiganiro n'abagize Komite ngenzuzi na ngengamyitwarire mu mitwe ya polikiti yose yemewe mu Rwanda. Ibyo biganiro byabaye mu Ugushyingo 2020 byibanze ku byavuguruwe mu mategeko agenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki.

RGB kandi yagiranye ibiganiro n'abagize inteko rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki,byabaye muri Kamena 2021 byibanda ku ruhare rw'imitwe ya politike mu guteza imbere imiyoborere n'imibereho myiza y'Abanyarwanda. Muri ibi biganiro abanyapolitike bamurikiwe ibipimo by'imiyoborere mu Rwanda nk'uko bigaragazwa na RGS ya 7 bungurana ibitekerezo ku ku kuzamura uruhare rwabo mu miyoborere y'Igihugu.



RGB mu biganiro n'abagize Komite ngenzuzi na ngengamyitwarire baturutse mu mitwe ya politiki yose yemewe mu Rwanda

### 1.7.4. Ibiganiro n'imiryango itari iya Leta

Ku bufatanye n'Ihuriro Nyarwanda ry'Imiryango itari iya Leta n'ihuriro ry'Imiryango mvamahanga, RGB yateguye ibiganiro n'inama nyunguranabitekerezo bigamije kuzamura uruhare rw'Imiryango itari iya Leta muri gahunda zitandukanye z'iterambere ry'Igihugu.

#### Ibiganiro ku kugaragaza uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu iterambere

Mu biganiro byahuje RGB, Ihuriro ry'imiryango nyarwanda itari iya Leta n'Imiryango mvamahanga itari iya Leta byabaye ku wa 27 Ugushyingo 2020, haganiriwe ku kuzamura uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu iterambere. Ibi biganiro byahujwe no kumurika Raporo ya mbere igaragaza uruhare rwa sosiyete sivile mu kubaka Igihugu. Hashingiwe ku byagaragajwe n'iyi raporo, haganiriwe ku kongera imbaraga mu gukusanya, gutangaza no kubika amakuru y'ibikorwa by'imiryango itari iya Leta mu buryo buhoraho.




Dr KAITESI Usta, (CEO RGB) ari kumwe na Fodé Ndiaye (RC/ONE-UN Rwanda), Dr. Nkurunziza Joseph Ryarasa (Chair/RCSP) na Sean Carrigan (Chair/NINGO) mu muhango wo kumurika ibyavuye mu bushakashatsi ku ruhare rw'Imiryango itari iya Leta mu iterambere




Bamwe mu bitabiriye ibiganiro kuri raporo y'ibyavuye mu bushakashatsi ku ruhare rw'Imiryango itari iya Leta mu iterambere

### Ibiganiro ku ruhure rw'imiryango itari iya Leta mu gukumira no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, ihakana n' ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi

Ibi biganiro byateguwe ku bufatanye n' Ihuriro ry'imiryango nyarwanda itari iya Leta n'abagize Ihuriro ry'imiryango mvamahanga itari iya Leta hagamijwe kungurana ibitekerezo ku ruhare rwa sosiyete sivile mu gukumira no kurwanya ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Ibi biganiro byabaye tariki 18 Kamena 2021 byitabiriwe n'abagize imiryango itari iya Leta ikorera mu Rwanda, impuguke n'abashakashatsi baturutse muri kaminuza n'amashuri makuru n'ibigo by'ubushakashatsi n'abahagarariye inzego za Leta zitandukanye. Abitabiriye ibi biganiro barebeye hamwe uko guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi bihagaze muri iki gihe cyane cyane bagaruka ku ikoreshwa ry'imbuga nkoranyambaga mu guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, ndetse banaganira ku ruhare sosiyete sivile yo mu Rwanda ikwiye kugira mu guhangana n'abahakana n'abapfobya Jenoside.

Ibi biganiro byabanjirijwe n'umuhango wo kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi aho abahagarariye imiryango itari iya Leta itandukanye basuye urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali.



Dr KAITESI Usta, (CEO RGB) ari kumwe na Dr. Fodé Ndiaye (RC/ONE-UN RWANDA), Dr. Nkurunziza Joseph Ryarasa (Chair/RCSP), Sean Carrigan (Chair/NINGO) na Sheikh Hitimana Salim (RIC) mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 27 Jenoside yakorewe Abatutsi

### 1.7.5. Ibiganiro ku iterambere n'imikorere y'Itangazamakuru

Mu bihe bitandukanye, RGB yagiranye ibiganiro n'abakora umwuga w'Itangazamakuru barimo abayobozi b'ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru, ndetse n'abafatanyabikorwa mu itangazamakuru mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku kunoza imikorere no kurushaho guteza imbere urwego rw'Itangazamakuru.

Ibi biganiro byibanze ku bibazo bibangamiye umwuga w'itangazamakuru bireba cyane amikoro y'ibitangazamakuru ndetse no gukora kinyamwuga muri iki gihe cy'ikoranabuhanga.

Ku birebana no guteza imbere itangazamakuru habaye ibiganiro bikurikira:

### Ibiganiro n'abayobozi b'ibitangazamakuru ku byerekeye iterambere ry'urwego rw'Itangazamakuru

Ibiganiro byabaye ku wa 5 Ugushyingo 2020 byahuje inzego za Leta zifite ibijyanye n'itangazamakuru mu nshinganzo, abayobozi b'ibitangazakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru. Abitabiriye ibi biganiro bunguranye ibitekerezo ku ngingo zitandukanye zirimo ingamba zo gufasha ibitangazamakuru kuzamura amikoro no gukomeza kongerera ubushobozi Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru mu Rwanda.



Abitabiriye ibiganiro ku iterambere ry'itangazamakuru

### Ibiganiro n'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'itangazamakuru

Ibi biganiro byateguwe na RGB ku bufatanye n'Ikigo cy'Ubusuwisi gishinzwe Iterambere ( Swiss Agency for Development and Cooperation), bihuza abafatanyabikorwa mu iterambere ry'itangazamakuru. Muri ibi biganiro haganiriwe ku iterambere ry'itangazamakuru hanafatwa n'ingamba zo kunoza imikoranire y'abafatanyabikorwa mu kubaka ubushobozi bw'itangazamakuru.




Abitabiriye ibiganiro

### 1.7.6. Ibiganiro mu mashuri makuru y'ingabo na polisi

RGB yateguriye ibiganiro abanyeshuri bo mu mashuri makuru ya gisirikari na polisi byibanze ku ruhare rw'umutekano mu miyoborere.

Mu kiganiro cyatanzwe na Dr. Usta Kaitesi, Umukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere, mu Ishuri rikuru rya Gisirikare i Nyakinama, hibanzwe ku bijyanye n'uruhare rw'imiyoborere myiza mu kubabaka igihugu nyuma y'ibihe by'intambara. Umukuru w'Urwego yanagiranye ibiganiro n'abanyeshuri bo mu ishuri rya Polisi i Gishari (Rwanda Police Training School) byibanze ku ruhare rwa Polisi y'Igihugu mu kwimakaza imiyoborere myiza.

### 1.7.7. Ibiganiro ku mitangire ya serivisi mu nzego za Leta

RGB yagiranye ibiganiro n'inzego za Leta zitandukanye byibanze ku mitangire ya serivisi. Muri ibi biganiro, RGB yagaragaje uko imitangire ya serivisi ihagaze mu nzego za Leta ndetse hatangwa ibitekerezo ku cyakorwa kugira ngo serivisi z'inzego za Leta zirusheho kunozwa.



Umukuru w'urwego wungingirije, Dr. Nibishaka Emmanuel ari kumwe n'abahagarariye izindi nzego mu kiganiro ku mitangire ya serivisi

Umusaruro wavuye mu biganiro bitandukanye ku miyoborere n'ubuvugizi:

- Abafatanyabikorwa mu iterambere bibumbiye uri JADF basangiye ubunararibonye ku bijyanye no guhangana n'ingaruka z'icyorezo cya COVID-19, amasomo bakuyemo yabafashije gukomeza gukora ndetse baniyemeza gukomeza guhuza imbaraga na Leta mu guhangana n'ingaruka zatewe n'icyorezo cya COVID-19;
- Imiryango itari iya Leta yiyemeje kugira uruhare rufatika mu kurwanya ihakana n'ipfobya rya Jenoside ndetse n'ingengabitekerezo ya Jenoside;
- Ku bufatanye n'Ihuriro ry'Imiryango nyarwanda itari iya Leta n'Ihuriro ry'Imiryango mvamahanga itari iya Leta, hafashwe ingamba zo guhuza amakuru no kugaragaza (documentation and publication) ku buryo buhoraho uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu iterambere ry'igihugu;
- Abafatanyabikorwa mu rwego rw'itangazamakuru biyemeje kunoza imikorere n'imikoranire mu bikorwa byo kubaka ubushobozi bw'itangazamakuru.

## 1.8. UBUYOBOZI N'IMIRIMO RUSANGE

Muri iki cyiciro hakozwe ibikorwa bitandukanye bigamije kubaka ubushobozi bw'Urwego kugira ngo rubashe gusohoza neza inshingano zarwo.

### 1.8.1. Gushyira mu bikorwa gahunda yo kongerera Urwego n'abakozi ubushobozi

Mu rwego rwo gukomeza gushyira mu bikorwa gahunda y'imyaka 5 yo kubaka ubushobozi bw'Urwego, abakozi ba RGB bahuguwe ku buryo buboneye bwo guhana no gutangaza amakuru (effective communication), gukumira ibishobora gukoma mu nkokora ibikorwa by'Urwego (Risk Management) no gukusanya no gucunga amakuru ajyanye n'imitangire ya serivisi (Data collection management on service delivery).

### 1.8.2. Uburyo bw'ikoranabuhanga mu kwandika imiryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki

Mu rwego rwo kunoza serivisi, RGB yakomeje igikorwa cyo kubaka uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kwandika no gukurikirana imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki. Ubu buryo buzafasha kugabanya igihe byatwaraga kwandika imiryango n'imitwe ya politiki, bufashe kandi kubika neza amakuru arebana nayo.

### 1.8.3. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa bya RGB

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021, RGB yari yateganyije ibikorwa 44. Ibikorwa 43 bingana na 97,8% byarakozwe birarangira. Igikorwa cyo kwandikisha no kurinda uburyo bw'umwimerere nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo ku rwego mpuzamahanga (Ndi Umunyarwanda) nicyo cyonyine kitarangiye kuko inzego zifite uburenganzira mu kwandika umutungo bwite m'uby'ubwenge ku rwego mpuzamahanga zitarasubiza ubusabe RGB yatanze.

### 1.8.4. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'amasoko

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021, RGB yari yateganyije gutanga amasoko 27. Amasoko yatanzwe akarangira ni 22 (81,5 %). Amasoko ane ashingiye ku masezerano asasiye ku buryo ishyirwa mu bikorwa ryayo rizakomeza no mu mwaka utaha w'ingengo y'imari. Isoko ryo gushyiriraho uburyo bwo gukoresha inama hifashishijwe iyakure (videoconferencing) ryarahagaritswe kuko Leta yashyizeho ubundi buryo bworoshye bwo gukora inama hifashishijwe ikoranabuhanga.


### 1.8.5. Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2020-2021

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021, RGB yari yagenewe ingengo y'imari y'amafaranga y' u Rwanda 3.131.689.790 Frw. Muri ayo mafaranga, 1.696.636.512 Frw yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta naho 1.435.053.278 Frw yatanzwe n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'Imiyoborere myiza.

### Imbonerahamwe ya 28: Ingengo y'imari yagenwe n'iyakoreshejwe mu mafaranga y'u Rwanda

| AHO INGENGO Y'IMARI YATURUTSE | INGENGO Y'IMARI RGB YAHAWE | INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE | INGENGO Y'IMARI ITARAKORESHEJWE |
|---|---|---|---|
| DDAG | 588,399,425 | 487,256,175 | 101,143,250 |
| CSO | 846,653,853 | 840,996,797 | 5,657,056 |
| Imishinga | 1,435,053,278 | 1,328,252,972 | 106,800,306 |
| Ingengo y'imari ya Leta | 1,696,636,512 | 1,515,795,493 | 180,841,019 |
| **Igiteranyo** | **3,131,689,790** | **2,844,048,465** | **287,641,325** |

### Ishusho ya 7: Imikoreshereze y'ingengo y'imari




Aho byavuye: RGB, Raporo y'imikoreshereze y'imari, 2020-2021

Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku gipimo cya 90,82% aho ingengo y'imari itangwa na Leta yakoreshejwe ku gipimo cya 89,34% naho iy'imishinga ikoreshwa ku gipimo cya 92,56%.

### 1.8.6. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta

Inama Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yahaye Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere zashyizwe mu bikorwa zose uko zatanzwe.

### 1.8.7. Gushyira mu bikorwa ingamba zo kumenyekanisha ibikorwa bya RGB (Communication strategy)

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ingamba zo kumenyekanisha ibikorwa by'urwego hakozwe ibi bikurikira:

- Urubuga rwa RGB (website) rwaravuguruwe ku buryo byorohera abarusura kubona amakuru ajyanye n'inshingano za RGB, ubushakashatsi na raporo bikorwa na RGB ndetse na serivisi zitangwa na RGB
- Hatanzwe ibiganiro 27 byanyujijwe kuri Radiyo na Televiziyo bitandukanye. Ibyo biganiro byibanze ku gusobanura ingingo zitandukanye zijyanye n'inshingano za RGB zirimo imiyoborere myiza, imitangire ya serivis no guteza imbere itangazamakuru

### 1.8.8. Kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose bya RGB no mu bafatanyabikorwa

RGB iharanira ko ihame ry'uburinganire ryubahirizwa, Ni muri urwego mu bikorwa byayo no mu by'abafatanyabikorwa bayo, hakozwe ibikorwa binyuranye mu nzego zitandukanye bigamije kwimakaza ihame ry'uburinganire nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe ya 29: Ibyakozwe mu kwimakaza ihame ry'uburinganire

| Urwego | ICYAKOZWE |
|---|---|
| Imiryango itari iya Leta | Ihame ry'uburinganire ni kimwe mu bigenderwaho mu guhitamo imishinga y'imiryango itari iya Leta iterwa inkunga.<br><br>Hahuguwe abafatanyabikorwa 169 (abagabo 97, abagore 72) baturutse mu miryango itari iya Leta ku birebana no kwimakaza ihame ry'uburinganire mu bikorwa byabo. |
| Ubushakashatsi n'igenzura bikorwa rya RGB | RGB yubahiriza ihame ry'uburinganire mu ishyirwaho ry'ibipimo, uburyo bukoreshwa mu bushakashatsi, isesengura ry'ibyavuye mu bushakashatsi no mu igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi. |
| Itangazamakuru | Mu kubaka ubushobozi bw'itangazamakuru hahuguwe abanyamakuru 70 (abagabo 50, abagore 20), hanateguwe amahugurwa yihariye yahawe abanyamakuru b'abagore 20 ku bijyanye no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu mwuga w'itangazamakuru.<br><br>Igikorwa cyo guhemba abanyamakuru b'indashyikirwa<br><br>Hakiriwe inkuru n'ibiganiro 227 harimo 122 (53,7%) by'abagabo na 105 (46,3%) by'abagore. Mu bihembo 21 byatanzwe, 14 byahawe abagabo mu gihe birindwi (7) byahawe abagore.<br><br>Muri iki gikorwa cyo guhemba abanyamakuru kandi hanashyizweho igihembo cyihariye cy'umunyamakuru w'umugore wahise abandi ndetse n'icyiciro cy'inkuru ziteza imbere uburinganire n'uburenganzira bw'umwana w'umukobwa. |
| Imiyoborere n'imitangire ya serivisi | Igenzura ry'imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu mashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano ryagendeye ku ihame ry'uburinganire kuko hanarebwe ko mu guhshyiraho abagize inzego z'imiyoborere (governance organs) hubahirijwe ihame ry'uburinganire.<br><br>Mu igenzura RGB yakoze ku mitangire ya serivisi z'ubutaka hitawe ku ihame ry'uburinganire kuko kimwe mu byagendeweho mu gukusanya ibitekerezo harimo ihame ryo kubaza abagabo n'abagore aho mu babajijwe abagabo bari 74,8% naho abagore bakaba 25,2%. Iki kinyuranyo kiri hagati y'abagabo n'abagore babajijwe gisobanurwa n'uko abagore bafite imitungo y'ubutaka ibanditseho ari bakeya ugereranyije n'abagabo, kandi mu ikusanyamakuru habajijwe abafite ubutaka bubanditseho ndetse bakaba barigeze gusaba serivisi zijyanye nabwo. |
| Abakozi b'Urwego | Mu bakozi 67 b'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere, 41 ni abagabo naho abagore 26 bangana na 38,8%. Mu bayobozi barindwi (7) bagize ubuyobozi bukuru bw'Urwego (senior managers) abagore ni batatu (3) naho abagabo ni bane (4). |

### 1.8.9. Gutegura raporo y'ibikorwa ya 2020-2021

Raporo y'ibikorwa ya RGB y'umwaka wa 2020-2021 yarateguwe ishyikirizwa inzego bireba.

2

IGICE CYA 2:

# IBIKWIYE KWITABWAHO KU BURYO BW'UMWIHARIKO


## 2.1. IBIKWIYE KWITABWAHO KU BURYO BW'UMWIHARIKO

Hagendewe ku byavuye mu bushakashatsi, isesengura ndetse n'igenzura byakozwe na RGB, hagaragajwe ibibazo bikwiye kwitabwaho no gukurikiranwa mu buryo bw'umwihariko mu rwego rwo kwihutisha iterambere ry'Igihugu. Bimwe muri ibyo bibazo birerekanwa hakurikijwe ibyiciro ndetse n'inzego zigomba kubikurikirana.

### 2.1.1. Icyiciro cy'ubuhinzi n'ubworozi

Ubuhinzi n'ubworozi ni imwe mu nkingi zikomeye z'ubukungu bw'u Rwanda kuko abanyarwanda barenga 70% babeshejweho nabwo. N'ubwo izi nkingi zifite akamaro ku bukungu bw'igihugu n'imibereho myiza y'abaturage, haracyagaragara imbogamizi muri serivisi zitangwa mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi nk'uko bigaragazwa na CRC 2021.


Ishusho ya 8: Uko abaturage babona zimwe muri serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi




Aho byavuye: CRC 2021

Mu cyiciro cy'ubuhinzi n'ubworozi, abaturage banenga ku gipimo cyo hejuru serivisi z'ubwanikiro, guhundika umusaruro no kubona ibiryo by'amatungo. Abaturage banagaragaje ko hari inzitizi zikoma mu nkokora iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira:

Ishusho ya 9: Zimwe mu nzitizi abaturage bagaragaje bahura nazo mu buhinzi n'ubworozi




Aho byavuye: CRC 2021

Inzitizi abaturage bagaragaje cyane zibangamira ubuhinzi n'ubworozi ni imihindagurikire y'ikirere, indwara z'ibihingwa n'uburyo budahagije bwo gutunganya no guhunika ibiryo by'amatungo.

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi n'inzego ziyishamikiyeho bakwiye gushyiraho ingamba zo gukemura ibibazo bigaragara mu mitangire ya serivisi mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi. Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda ikwiye gukomeza gukorana na Minisiteri y'Ubuhinzi ndetse n'Uturere mu kunoza isoko ry'umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi ndetse no kongerera agaciro ibibukomokaho.

### 2. 1.2. Icyiciro cy'uburezi

Igenzura RGB yakoze mu mashuli afashwa na Leta ku bw'amasezerano, ryagaragaje ibibazo bikurikira:

- Amasezerano y'ubufatanye hagati ya Leta na ba nyir'amashuri ntazwi n'impande zishinzwe kuyashyira mu bikorwa. Mu igenzura, amashuri 31,6% gusa niyo yagaragaje inyandiko z'amasezerano kandi nayo yasinywe mu 1987. Ku rundi ruhande, nta karere na kamwe cyangwa umurenge mu byakorewemo igenzura bifite ayo masezerano.
- Urwego rwihariye (special administrative organ) rw'aya mashuri ntirukora haba ku rwego rw'igihugu, urw'akarere n' urw'umurenge nk'uko biteganywa n'amategeko.

Minisiteri y'Uburezi, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'aba nyir'amashuri afashwa na Leta ku bw'amasezerano bakwiye gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano no kuyavugurura ngo ajyane n'igihe ndetse n'imikorere y'urwego rwihariye rw'aya mashuli (special administrative organ).


### 2.1.3. Imitangire ya serivisi z'ubutaka

Igenzura RGB yakoze ku mitangire ya serivisi z'ubutaka ryagaragaje ibibazo bikurikira bikwiriye kwitabwaho:

- Abaturage badasobanukiwe n'amategeko y'ubutaka n'imikoreshereze yabwo;
- Ikoranabuhanga ryifashishwa muri serivisi z'ubutaka ridakora uko bikwiye;
- Kutubahiriza igihe cyagenwe mu gutanga serivisi n'iminsi mike yagenewe gutanga serivisi z'ubutaka mu nzego z'ibanze.

CRC 2021 nayo yagaragaje ko muri serivisi z'ubutaka n'imiturire hakirimo ibibazo bikeneye kwitabwaho nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira:

### Ishusho ya 10: Uko abaturage babona serivisi zimwe na zimwe z'ubutaka n'imiturire




Aho byavuye: CRC 2021

Ibibazo biza ku isonga mu byagaragajwe n'abaturage muri serivisi z'ubutaka n'imiturire ni ibijyanye no kubona amakuru ku gishushanyo mbonera, guhererekanya uburenganzira ku butaka n'ibikorwa by'ibanze ahagenewe guturwa.

Mu rwego rwo gukemura ibibazo byagaragaye muri serivisi z'ubutaka n'imiturire, Ikigo cy'igihugu gishinzwe Imicungire n'Imikoreshereze y'Ubutaka mu Rwanda, gikwiye kurushaho kumenyekanisha amategeko agenga imikoreshereze y'ubutaka no kunoza serivsi z'itangwa ry'ibyagombwa by'ubutaka. Umujyi wa Kigali n'Uturere barasabwa kumenyekanisha igishushanyo mbonera cy'imiturire n'imikoreshereze y'ubutaka.

### 2.1. 4. Icyiciro cy'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere

- Imiryango itari iya Leta

Igenzura rihoraho rikorwa na RGB rikomeje kugaragaza ko imiryango imwe n'imwe itabasha gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa iba yaratanze yiyandikisha ndetse ntinatange raporo ziteganywa n'itegeko.

- Imiryango ishingiye ku myemerere

Mu miryango itandukanye ishingiye ku myemerere hakomeje kugaragara ikibazo cy'imiyoborere n'imicungire y'umutungo bitanoze aho akenshi usanga inzego z'iyo miryango (ngenzuzi, nkemurampaka) zituzuza neza inshingano zazo. Ibyo bikurura amakimbirane ya hato na hato muri iyo miryango.

RGB izakomeza gukorana n'inzego zose bireba mu rwego rwo kunoza imikorere n'imiyoborere mu miryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere. RGB kandi izakomeza gutanga ubujyanama mu ivugurura ry'amategeko agenga iyi miryango igihe cyose bibaye ngombwa hagamijwe gushyiraho uburyo biyifasha kurushaho gukora neza no kugera ku nshingano yayo.

### 2.1. 5. Mu rwego rw'Itangazamakuru

- Amikoro y'ibitangazamakuru

Ubushakashatsi ku bipimo by'itangazamamakuru mu Rwanda (Rwanda Media Barometer 2021) bwongeye kugaragaza ko itangazamakuru rigifite ikibazo cy'amikoro adahagije bituma ritagira ubushobozi bwo kwishyura abakozi, kugira aho gukorera n'ibikoresho ndetse no gukodesha iminara.

- Ubunyamwuga buke mu itangazamakuru

Mu gihe itangazamakuru rifatwa nk'umuyoboro wo kumenyesha no kwigisha abaturage, haracyagaragara ikibazo cy'ubunyamwuga buke kuri bamwe mu banyamakuru, ibi bikaba byatiza umurindi gukwirakwiza ibihuha no kuyobya abaturage.

RGB izakomeza gukorana na MINALOC, RURA n'izindi nzego zifite aho zihuriye n'itangazamakuru mu kunoza uburyo abanyamakuru binjira mu mwuga w'itangazamakuru no guhwitura abarenze ku mahame agenga uyu mwuga.

### 2.1. 6. Ibindi bikeneye kwitabwaho nk'uko byagaragajwe na RGS ya 8

| IBIKWIYE KWITABWAHO | INZEGO BIREBA |
|---|---|
| Kuzahura ubukungu bw'igihugu bwasubiye inyuma ho 3.4% | MINECOFIN |
| Kongera ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga hagamijwe kuziba icyuho kiri hagati y'ibyo rutumizayo n'ibyo rwoherezayo | MINICOM, MINAGRI |
| Kunoza imicungire n'imikorere ya gahunda zo gufasha abafite ubumuga hibandwa ku kubashyira mu byiciro by'umuga | MINALOC, MoH, NCPD, |
| Gushyiraho ingamba zirambye zo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere. | MoE, MININFRA, MINALOC, REMA |
| Kwita ku ireme ry'uburezi hagamijwe ubukungu bushingiye ku bumenyi. | MINEDUC, REB, HEC, UTURERE |
| Kongerera abaturage ubumenyi ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu rwego rwo kunoza no kurushaho guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi. | MINICT, MININFRA, RISA, IREMBO |

3

IGICE CYA 3:

# ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

## 3.1. ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

Nyuma yo gusesengura raporo y'ibikorwa ya RGB y'umwaka wa 2019-2020 na gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2020-2021, Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi yafashe imyanzuro itandukanye harimo n'uwo RGB yasabwe gushyirwa mu bikorwa.

### Imbonerahamwe ya 30: Uko imyanzuro y'Inteko ishinga amategeko yashyizwe mu bikorwa

| No | UMWANZURO | ICYAKOZWE |
|---|---|---|
| 1 | Kugaragaza muri Raporo y'Ibikorwa by'umwaka inama RGB itanga ku nzego bireba ku bibazo byagaragajwe n'ubushakashatsi cyangwa igenzura ikora hagamijwe kuzifasha kumenya ahakwiye gushyirwa imbaraga | Muri iyi raporo, RGB yerekanye ibibazo byagaragajwe n'ubushakashatsi n'isuzuma ku miyoborere n'imitangire ya serivisi inatanga inama z'uko ahakiri intege nke hakongerwa imbaraga, inagaragaza kandi ibyifuzonama ndetse n'inzego zisabwa kubishyira mu bikorwa. |

4

IGICE CYA 4:

# GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2021-2022

## 4.1. GAHUNDA Y'IBIKORWA Y'UMWAKA 2021-2022

Ibikorwa RGB izakora mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021-2022 bikubiye mu byiciro bikurikira:

### 4.1. 1. Ubushakashatsi ku miyoborere no guteza imbere gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo

Muri iki cyiciro hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Gukora ubushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS ya 9);
- Gukora ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC ya 2022);
- Gukora ubushakashatsi kuri gahunda mbonezamikurire y'abana (Early Childhood Development-ECD Second Edition);
- Gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda no kugaragariza inzego bireba uburyo bwo gukemura ibibazo bigaragara muri ibyo byegeranyo
- Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana ubushakashatsi bukorwa ku miyoborere no kuri gahunda z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo;
- Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi;
- Kwandikisha mu Rwanda gahunda ebyiri z'umwimerere nyarwanda zo kwishakamo ibisubizo;
- Kwandikisha ku rwego mpuzamahanga gahunda imwe y'umwimerere nyarwanda yo kwishakamo ibisubizo;

### 4. 1. 2. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza, Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Uturere (JADF)

Muri iki cyiciro, hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Kumenyekanisha ibipimo by'imitangire ya serivisi;
- Gutegura amahugurwa ku mitangire ya serivisi mu nzego za Leta, iz'abikorera n'iz'imiryango itari iya Leta;
- Kugenzura imitangire ya serivisi mu bigo 45 mu nzego za Leta, iz'abikorera n'iz'imiryango itari iya Leta;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa y'imyanzuro yavuye mu bugenzuzi RGB yakoze ku mitangire ya serivisi mu nzego 15;
- Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera";
- Gukora ubukangurambaga ku miyoborere, imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'abaturage binyuze muri gahunda "Imiyoborere Twifuza " mu turere dutanu;
- Kugirana ibiganiro n'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'amashuri makuru hagamijwe kwimakaza amahame y'imiyoborere;
- Guhuza ibikorwa bya gahunda yo kugenzurana no kwigiranaho (PR&PL);
- Gukora isesengura ku miyoborere y'inzego 10 harimo iza Leta, iz'Abikorera n'Imiryango itari iya Leta;
- Gutegura inama ziteganywa n'itegeko z'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF);

### 4. 1.3. Kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta

Muri iki cyiciro, hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta, imiryango nyarwanda itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki yujuje ibyangombwa bisabwa;
- Gutangiza ikoreshwa rya "system" y'ikoranabuhanga yo kwandika imiryango itari iya Leta; imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki;
- Kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko ku miryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki;
- Ibiganiro n' imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya Politiki ku bijyanye n'imiyoborere, imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amategeko;
- Kongerera ubushobozi imitwe ya politiki;
- Kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta n'ishingiye kumyemerere kugira ngo irusheho kugira uruhare mu kuzamura ubukungu n'imibereho y'abaturage;

### 4. 1. 4. Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru

Muri iki cyiciro hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru;
- Guteza imbere ubunyamwuga mu itangazamakuru binyuze mu gutanga ibihembo ku banyamakuru n'ibitangazamakuru byabaye indashyikirwa ;
- Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda (Rwanda Media Barometer - RMB 2021);
- Gutegura umunsi nyafurika w'itangazamakuru;
- Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru;
- Kongerera ubushobozi abanyamakuru ;

### 4. 1. 5. Ubuyobozi n'imirimo rusange no kubaka ubushobozi bw'urwego

Muri iki cyiciro hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Gushyiraho Inama Ngishwanama ku miyoborere;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko by'umwaka wa 2021-2022;
- Gutegura gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari bya 2021-2022;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose bya RGB no mu by'Abafatanyabikorwa;
- Gutegura Raporo y'Umwaka y'ibikorwa bya RGB.

### 4. 1. 6. Gukora ibiganiro n'ubuvugizi ku miyoborere mu byiciro bitandukanye

- Kugirana ibiganiro n'abafatanyabikorwa batandukanye

## 4.2. INGENGO Y'IMARI YA RGB YA 2021-2022

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021-2022, RGB iteganya gukoresha ingengo y'imari ingana n'amafaranga 3.008.426.005 Frw nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 31: Ingengo y'imari ya 2021-2022 ya RGB

| INGENGO Y'IMARI YA RGB YA 2021/2022 MU MAFARANGA Y'U RWANDA | | |
|---|---|---|
| | **INGENGO Y'IMARI ITANGWA NA LETA** | |
| 1 | Ingengo y'Imari itangwa na Leta | 1.304.007.700 |
| 2 | Ubuyobozi n'imirimo rusange | 1.274.527.858 |
| 3 | Ubushakashatsi ku miyoborere | 29.479.842 |
| 4 | Ibiganiro bigamije ubuvugizi. ubujyanama no guhana ubumenyi | 0 |
| 5 | Imitangire ya serivisi, Imiyoborere myiza na JADF | 0 |
| 6 | Guteza imbere Imitwe ya politiki, imiryango itari iya Leta n'sihingiye ku myemerere | 0 |
| 7 | Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru | 0 |
| | **INGENGO Y'IMARI ITURUKA MU BAFATANYABIKORWA** | |
| 1 | DDAG | 781.475.685 |
| 2 | CSOs Strengthening Joint Program | 922.942.620 |
| | **IGITERANYO** | **3.008.426.005** |

5

# IGICE CYA 5:

## IMIGEREKA

1. Rwanda Governance Scorecard 8th Edition
2. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2021)

ABAFATANYABIKORWA

URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

www.rgb.rw @GovernanceRw info@rgb.rw P.O Box 6819, Kigali